

REPUBULIKA Y'U RWANDA




UMWANA WANJYE ISHEMA RYANJYE

Twitegure Ishuri

2

Twice cya kabiri



INYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE
Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO

“UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE”

Twitegure Ishuri– Igice cya kabiri

**Inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire y’Abana Bato
rukorera mu muryango**

© 2025 Imbuto Foundation, NCDA, REB & LODA

Biremewe gukoresha iyi mfashanyigisho mu nyungu za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, hatagamijwe ubucuruzi. Ni ngombwa kugaragaza nyirayo igihe cyose yifashishijwe. Uwifuza gutubura iyi mfashanyigisho asaba uruhushya NCDA, akamenyesha Imbuto Foundation.

“Umwana Wanjye, Ishema Ryanjye” - Twitegure ishuri, igice cya kabiri

IJAMBO RY'IBANZE

Barezi, Babyeyi,

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni serivisi zikomatanijye zihabwa abana kuva bagisamwa kugeza bagize imyaka 6 ndetse n'ababarera. Abanyarwanda tubyumva vuba kuko mu mibereho yacu, kwita ku bana si bishya! Murabizi neza ko mu muco wacu umugore utwite yubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kurinda ubuzima bwe n'ubw'umwana.

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki cyiciro ni uko ari ho ubwonko bw'umwana bukura kandi ku rwego rwihuse. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ku myaka itatu (3) ya mbere y'ubuzima, imikurire y'ubwonko iba igezweho ku kigero cya 80%. Ni igihe cyo kwitondera kuko iyo umwana atitaweho muri icyo myaka bigora kuba wabigarura. Nyamara iyo yitaweho neza aba abonye ireme fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, yigirira icyizere, akarangwa n'inyitwarire myiza.

Mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana bato, abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije, batozwa gukina no gusabana n'abandi bana binyuze mu mikino yabugenewe ituma ubwonko bukanguka. Bategurwa kandi kwinjira mu cyiciro cy'amashuri abanza aho biga kuvugira mu ruhame, gusoma, kwandika n'ibindi.

Turasaba ababyeyi muri rusange gutanga umusanzu wabo muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato uko bashoboye bibuka neza ko *"Ak'imuhana kaza imvura ihise"*.

Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagaragaza mu bikorwa bitandukanye bya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato hagamijwe guhindura imibereho myiza y'Abanyarwanda, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo. Turushaho kwita ku bana bacu tubaha uburere bwiza buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere ari na byo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.


SHAMI Elodie

Umuyobozi Mukuru wa Imbuto Foundation



GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguriwe abarezi b'abana bato ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kunoza Serivisi Mboneyamurikire y'Abana Bato binyuze mu Rugo Mboneyamurikire rukorera mu rugo.

Gahunda Mboneyamurikire y'Abana Bato ni uruhurirane rwa serivisi zikomatanijwe zihabwa umwana n'umubyeyi, kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu, hagamijwe imikurire myiza ye, mu bwenge, mu gihagaraho, imikorere myiza y'umubiri, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

Imfashanyigisho zifite ireme ni umusingi w'ingenzi mu ishyingirwa mu bikorwa rya Gahunda Mboneyamurikire y'Abana Bato. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho yunganira ababyeyi/abarezi mu bikorwa bigamije gukangura ubwonko bw'umwana no kumutegura gutangira ishuri, hibandwa ku babyeyi bafasha mu Rugo Mboneyamurikire y'Abana Bato rukorera mu rugo, nubwo ishobora no kwifashishwa n'abarezi bo mu zindi Ngo Mboneyamurikire z'Abana Bato.

Guverinoma y'u Rwanda, mu cyerekezo 2050 ifite intego yo kubaka ubushobozi bw'umuturage binyuze mu guteza imbere ubumenyi no kugira ubuzima bwiza nk'umusingi w'iterambere rirambye.

Ni muri urwo rwego, Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) gishimishijwe no gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo yunganire abarezi mu ngo mboneyamurikire y'abana bato zikorera mu ngo.

Turashimira abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Imbuto Foundation, Banki y'Isi, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rwabo rukomeye mu guteza iyi mfashanyigisho.

Turashimira kandi inzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi, bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu gihe cy'ubushakashatsi bwadufashije kumenya iby'ingenzi bikenewe iyi mfashanyigisho yashingiyeho.

Tuboneyeho kandi no gushimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byatumye iyi mfashanyigisho inozwa neza.

Turasaba abo igenewe kuyikoresha neza hagamijwe kuyibyaza umusaruro witezwe.



INGABIRE Assumpta
Umuyobozi Mukuru
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana- NCDA

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE.....	ii
GUSHIMIRA.....	v
ISHAKIRO.....	vi
INTANGIRIRO.....	1
IBIKORWA BIKANGURA UBWONKO BW'UMWANA.....	5
UKWEZI KWA GATANU	5
Insanganyamatsiko: Amazi n'ibihe by'ikirere.....	5
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere.....	6
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri.....	18
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu	26
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane	33
UKWEZI KWA GATANDATU	41
Insanganyamatsiko: Inyamaswa.....	41
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere.....	43
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru kwa kabiri	56
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu	63
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya Kane.....	72
UKWEZI KWA KARINDWI	80
Insanganyamatsiko: Ibimera n'ubutaka	80
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere.....	82
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri.....	93
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu	102
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane	108
UKWEZI KWA MUNANI	116
Insanganyamatsiko: Ibigo n'imirimo ikorerwa aho dutuye	116
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere.....	118
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri.....	132

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya 3.....	140
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya 4.....	148
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO	160

IMPINE ZAKORESHEJWE

ADEPE	: Association pour le Development du Peuple
ECD	: Early Childhood Development. (Imbonezamikurire y'Abana Bato)
FXB-Sugira Muryango	: François Xavier Bagnoud-Sugira Muryango
IEE	: Inspire Educate Empower.
LODA	: Local Administrative Entities Development Agency. (Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze)
MIGEPFROF	: Ministry of Gender and Family Promotion (Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'Umuryango)
NCDA	: National Child Development Agency (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana)
NESA	National Examination and School Inspection Authority (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri)
RBC	Rwanda Biomedical Center (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima)
REB	Rwanda Basic Education Board. (Urwego rw' Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze)
RWAMREC	Rwanda Men's Resources Center.
VUP	Vision 2020 Umurenge Program

INTANGIRIRO

a. Ubushobozi buzaranga umwana wakanguwe ubwonko binyuze muri Gahunda y'Urugo Mbenezamukire y'Abana Bato rukorera mu muryango

Inyoborabarezi “Twitegure ishuri”- Igice cya Kabiri, igenewe abarezi b'abana bato barerera mu Rugo Mbenezamukire y'Abana Bato rukorera mu muryango, yateguwe ishingiye ku nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke (Imyaka 3-6) yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ku buryo umwana uzaba wanyuze muri iyi gahunda azaba yarakanguwe ubwonko, afite ubushobozi bugaragaza ko yiteguye gutangira ishuri.

Azaba arangwa n'ubushobozi bukurikira:

- Kugaragaza ko asobanukiwe n'ibidukikije n'uruhare rwe mu kubyitaho no kubirengera;
- Kugaragaza ubushobozi bw'ibanze mu mibare bujyanye n'ikigero cy'abana bato kandi bumutegura gutangira ishuri;
- Kugira uruhare mu gufata neza ibyumviro bye; gukora no guhuza imiyego inyuranye y'ingingo nto (ibiganza) n'ingingo inini (amaboko n'amaguru); kwiitaho yisukura we ubwe, yiyambika, no kugira uruhare mu kwirinda indwara arangwa n'umuco wo guharanira ubuzima bwiza muri rusange;
- Kugaragaza ubushobozi bwo guhanga ashushanya, abumba, yubaka, abyina, aririmba akoresheje ibikoresho biboneka aho batuye;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu bushobozi bw'ibanze mu rurimi kavukire (Ikinyarwanda) mu birebana no kumva (kumva inkuru asomewe agasubiza ibibazo), kuvuga (kwisobanura yifashishije amagambo mashya agenda yunguka kandi arushaho no kuyavuga neza), gusoma (gusoma amashusho; gutahura inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda) ndetse no kwandika (kubaka, kubumba, no kwandika inyuguti nkuru zigize itonde ry'Ikinyarwanda mu cyapa);
- Kugaragaza imyitwarire yerekana ko azi gutandukanya icyiza n'ikibi agendeye ku mabwiriza ahabwa n'abarezi, yirinda cyane ibyateza impanuka.
- Kwishimira uko ameze, n'uko abandi bameze kandi akabana na bo mu mahoro;
- Gusabana n'abandi no gukorera mu matsinda;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu kwimenya no kwigirira icyizere;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu gutekerezanya ubushishozi, guhanga ibishya no gukemura ibibazo.

b. Imiterere y'inyoborabarezi

- Ibikorwa biteganyijwe muri iyi nyoborabarezi biteguye mu gihe cy'amezi ane (4) mu mezi 12 agize na gahunda y'ibikorwa mu ngo mbonezamikurire y'abana bato zikorera mu muryango, itangirana n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri).
- Inyoborabarezi yubakiye ku nsanganyamatsiko cumi n'ebyiri (12) ziteganywa mu nteganyanyigisho yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB). Buri nsanganyamatsiko igenderwaho mu gutegura ibikorwa by'ukwezi. Muri iki gice cya mbere, ibizibandwaho bikubiye mu nsanganyamatsiko enye (4) zikurikira:
 - Amazi n'ibihe by'ikirere
 - Inyamaswa
 - Ibimera n'ubutaka
 - Ibigo n'imirimo ikorerwa aho dutuye
- Inyoborabarezi igendera kuri gahunda y'ukwezi kugizwe n'ibyumweru 4. Ugendeye ku ndangaminsi (karendari), hari iminsi igenda isaguka itabariye mu byumweru 4. Iyo minsi izifashishwa mu kuziba icyuho giterwa n'iminsi y'ikiruhuko (konji) no gusubiramo ibikorwa umurezi asanga abana bataragiramo ubushobozi buhagije.
- Iteguye ku buryo igaragaza ibikorwa bya buri cyumweru igenda iyobora umurezi isaha ku yindi uko azayobora ibikorwa, kuva yakira abana saa moya n'igice kugeza batashye saa sita.
- Iyi nyoborabarezi ntigaragaza inyigisho za buri mwaka kuko mu Rugo Mbonezamikurire hahurira abana 15 bafite imyaka itandukanye hagati y'imyaka 2.5 (amezi 30) n'imyaka 6. Kuri buri inyigisho, inyoborabarezi iteganya ubumenyi n'ubushobozi bw'ibanze bukenewe mu gutegura umwana gutangira amashuri abanza, uhereye ku nyigisho z'umwaka wa mbere ujya ku ziteganyijwe mu mwaka wa gatatu w'uburezi bw'inshuke.
- Inyoborabarezi iteguwe mu buryo bworoheye umurezi binyuze mu mvugo, mu ngero, n'ikoreshwa ry'amashusho.
- Ibikorwa bya buri cyumweru birangwa n'ibara ryihariye kugira ngo byorohera umurezi gutandukanya ibikorwa. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igisobanuro cya buri bara:

Ibara	Igisobanuro
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya mbere
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya Kabiri
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya gatatu
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya kane
	Ibikorwa bihoraho igihe cyose kuri iyo saha cyangwa kizamara ukwezi

Icyitonderwa: Umurezi arasabwa gukurikiranya ibyumweru uko biteguye

- Isuzuma ry'intambwe umwana agezeho riteganyijwe mu mpera za buri cyumweru: hateguwe ingero z'ibibazo umurezi yabaza abana ndetse n'ibisubizo byabyo aho biri ngombwa.

c. Ingengabihe

- Ibikorwa bikubiye mu nyoborabarezi byateguwe hashingiwe ku ngengabihe y' Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) igenewe icyiciro cy'inshuke, hiyongereyeho umwihariko w'amashusho aranga buri gikorwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Igihe	Igikorwa	Ishusho
7.30-8.00	Ikaze ku ruziga	
8:00-8:30	Tumenye ibidukikije	
8:30-8:50	Tunozze Ikinyarwanda	
8:50-9:20	Nkunda Imibare	
9:20-9:30	Twite ku buzima bwacu	
9:30-10:00	Dusangire	
10:00-10:30	Dukinire hanze	
10:30-10:50	Muze Dusome/Duce imigani/Dusakuze	

Igihe	Igikorwa	Ishusho
10:50-11:30	Inguni nkunda	
11:30-11:50	Duhange	
11:50-12:00	Gusezeranaho	

d. Inama zirebana n'imirungire idahereza y'aho abana bahererwa serivisi

- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba hari isuku, urumuri n'umwuka bihagije.
- Tegura icyumba wita ku bana bakeneye ubufasha bwihariye. Ibikoresho n'imfashanyigisho uribukenera habe harimo n'izo wabateguriye.
- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba nibura umusambi abana bicaraho, aho bakorera imikino yo mu nguni z'ibikorwa, n'aho bakorera ibikorwa byo ku ruziga.
- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba ari ahantu hatuje kandi hatekanye.
- Shyiraho amategako agenga imyitwarire myiza abana bazagenderaho.
- Genzura imikoreshereze y'ubwiherezo, umutekano n'isuku yabwo.


e. Inama zirebana no kuyobora abana bari mu cyiciro cy'imyaka itandukanye, harimo n'abafite ubumuga mu bikorwa byo gukangura ubwonko

- Hinduranya uburyo bwo kwigisha no gutanga imyitozo ukurikije imyaka abana bafite.
- Tegura mbere y'igihe imfashanyigisho uri bukenere kandi wibuke gushyiramo izigenewe abana bafite ubumuga niba bahari.
- Teganya ibikorwa bisaba ubufatanye hagati y'abana abato n'abakuru.
- Korera abana isuzuma ugendeye ku myaka n'ubushobozi bwabo: hari imyitozo ishobora korohere abana bakuru (imyaka 5-6) ikagora abato bagitangira (imyaka 3-4).
- Imyitozo yo kwandika inyuguti n'imibare hakoreshejwe ikaramu, y'igiti, igenewe abana bafite imyaka 5 kujyana hejuru gusa.

IBIKORWA BIKANGURA UBWONKO BW'UMWANA

UKWEZI KWA GATANU

Insanganyamatsiko: Amazi n'ibihe by'ikirere



Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa Gatanu k'umwaka wa gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Amazi n'ibihe by'ikirere"** kugira ngo umwana muto asobanukirwe akamaro k'amazi; gutandukanya ibihe by'ikirere no kwitwara uko bikwiye ashingiye ku mihindagurikire yabyo.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'ikaze ku ruziga (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, Bwakeye.*

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye ibidukikije*

Kwitegereza no kuvuga aho amazi aturuka no gukangurira abana kuyakoresha neza (Kuwa ku wa Mbere kugeza ku wa Kane)

- Jyana abana hanze ubereke robine niba iri hafi. Mu gihe nta robine iri hafi, ifashishe ijagi cyangwa ibase irimo amazi.
- Baza abana niba bazi aho amazi aturuka: Amazi mukoresha iwanyu aturuka he? Ibisubizo: Imvura iyo iguye turayareka; tuyavoma kuri robine, ku mugezi, ...
- Ereka abana amashusho ari muri iki gitabo mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatanu agaragaza ahandi hantu hatandukanye dukura amazi: umugezi, ikiyaga
- Saba abana kwitegereza ayo mashusho agaragaza aho amazi aturuka.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho mubiganireho.

Urugero: ndabona umugezi, ikiyaga, robine.

- Bwira abana aho mukura amazi mukurikije aho mutuye: tuyavoma kuri robine, cyangwa kuri kano, cyangwa ku mugezi.

- Basubirishemo kenshi.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye aho amazi ava.
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Shimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha

- Amazi dukoresha aturuka he? (Ibisubizo: **amazi atangwa n'imvura, tuyavoma kuri robine, kano, mu migezi n'ibiyaga**)

Akamaro ko kunywa amazi (Ku wa Gatanu)

- Girana ikiganiro n'abana
- Bwira abana ko ari byiza kunywa amazi kuko birinda umubiri wacu kugira umwuma.
Tanga urugero: ku bantu bakunda kuma iminwa kubera kutanywa amazi.
- Ongeraho ko amazi asohora imyanda mu mubiri.
- Ha abana umwanya mubiganireho mu buryo bwimbitse
- Soza ikiganiro wibutsa abana ko bagomba kunywa amazi meza kandi bakayanywera mu bikoresho bisukuye.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

Baza abana ibibazo bikurikira:

- 1) Iyo utanyoyeye amazi bigenda bite? **Umubiri wacu ugira umwuma.**
- 2) Ni bande biyemeje kujya banywa amazi meza kandi bakabikangurira n'ababyeyi babo? **Basabe bamanike ikiganza.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Buri muni kuri iyi saha)

Indirimbo y'itonde ry'inyuguti: ABCD, EFGH, IJKL, MNOP, RSTU, VWYZ

Kuvuga umuvugo (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwutoza abana:

Umuvugo: Kavura na Kazuba

1.Ngwino kavura keza

Maze weze imyaka yacu

Gusa ntinya akabeho kawe

Nkambara ikote ryange

Cyangwa umupira wange.

2.Ngwino nawe kazuba keza

Ngukunda cyane ku gasusuruko

Gusa ntinya ubushyuhe bwawe

Nkambara isengeri yange

Ndetse n'inkweto zidafunze.

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza imbamutima bijyanye.
- Sobanurira abana ko ku gasusuruko ari mu gitondo. Izuba riba ryorohereje ridatwika nk'iryo ku manywa.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose, ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

Genzura ko buri mwana agenda afata umuvugo mu mutwe

Kwandika inyuguti nkuru A mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye inyuguti nkuru A mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika inyuguti A banyujijem ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika inyuguti nkuru A: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Kabiri)

- Saba abana gufata ikaramu y'igiti n'ikayi.
- Erekerabana uko bandika inyuguti nkuru A.



- Fatanya n'abana kwandika inyuguti nkuru A mukoresheje ikaramu y'igiti.
- Saba abana kwandika inyuguti nkuru A bakoresheje ikaramu y'igiti.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!




Icyitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika inyuguti nkuru A, abandi bazakomeza imyitozo yo kuyubaka.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Genzura ko buri mwana yashoboye kwandika inyuguti nkuru A, ufashe abafite ingorane.

Kwandika inyuguti nkuru B mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti nkuru A



Kwandika inyuguti nkuru B: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru A



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Itegereze uko abana bandika inyuguti nkuru A na B

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gutondeka ibintu uhareye ku kintu kiyamo ibintu bike (Kuwa ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Tegura ibintu biyamo ibintu bike n'ibiyamo ibintu byinshi bishobora kuboneka hafi aho: akajerekani gato, ijerekani nini, igikombe gito, igikombe kinini, akadobo gato, indobo nini n'ibindi.
- Tanga urugero utondeke ibintu 2 muri ubu buryo. Urugero banza **akajerekani gato**, ukurikizeho **ijerekani nini**.



- Fatanya n'abana gutondeka ibintu 2 bitandukanye bahereye ku kiyamo bike.
- Saba abana bese gukora umwitozo wo gutondeka ibintu 2 bahereye ku kiyamo bike.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: aya mashyi ni ayanyu.

Gutondeka uhareye ku kintu kiyamo ibintu byinshi (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

- Tegura ibintu biyamo ibintu byinshi n'ibiyamo ibike bishobora kuboneka hafi aho: akajerekani kanini, ijerekani nto, igikombe kinini, igikombe gito, indobo nini akadobo gato, n'ibindi.
- Tanga urugero utondeke ibintu 2 muri ubu buryo. Urugero: **banza indobo nini**, ukurikizeho **indobo nto**.



- Fatanya n'abana gutondeka ibintu 2 bitandukanye bahereye ku kiyamo byinshi.
- Saba abana bese gukora umwitozo wo gutondeka ibintu 2 bahereye ku kiyamo byinshi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze mama shenge we.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Buri muni muri iki cyumweru reba niba nta bana bagifite imbogamizi mu gutondeka ibintu biyamo ibintu bike cyangwa byinshi, ongera ubafashe kuzikemura.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9: 30 - 10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda*

Gukina imikino abana bihitiyemo: (Iminsi yose kuri iyi saha)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Kurikiranira hafi ibyo bakina, uko bakina kandi ukine na bo.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana
- Shishikariza abana bese gukina.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma: Nkunda gusoma (Igihe cyose)


Reba uko biteguye mu kwezi kwa mbere

.Gusoma no gusubiza ibibazo ku nkuru

- Itegere: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana.
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi.
- Bwira abana umutwe w'inkuru.
- Somera abana inkuru ikurikira witonze, wifashishije amashusho n'inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Inkuru: Amatsiko ya Teta





Teta yasanze nyina arimo kumesa, aramubaza ati: "Amazi aturuka he mama?" Nyina aramusubiza ati: "Amazi dukoresha aturuka muri robine. Ariko habaho n'amazi y'imvura, amazi yo mu mugezi n'amazi yo mu kiyaga." Teta arongera abaza nyina ati: "None se mama aya mazi yose dushobora kuyanywa?" Nyina aramusubiza ati: "Oya amazi tunywa ni ayo tuvoma kuri robine kandi na yo tugomba kuyateka mbere yo kuyanywa." Nyina yongeraho ko amazi afite akamaro kanini. Teta aramubaza ati: "Ko nari nzi ko bayameshesha, bakayatekesha, bakayakoresha isuku hari ikindi akora?" Nyina aramusubiza ati: amazi yuhira ibihingwa kandi n'amatungo arayanywa. Tugomba rero kwirinda kuyakoresha nabi tuyasesagura. Teta ashimira nyina ibisubizo byiza amuhaye amubwira ko azajya yirinda gusesagura amazi.

Gusoma inkuru no kubaza ibibazo

Somera abana inkuru maze ubabaze ibibazo bikurikira:

- 1) Inkuru yitwa ngo iki? (**Amatsiko ya Teta**)
- 2) Igihe Teta yabazaga aho amazi aturuka nyina yamusubije ko avahe? Yamusubije ko amazi bakoresha hari abayavoma **muri robine, mu migezi, mu biyaga, hari kandi n'amazi atangwa n'imvura.**
- 3) Muri iyi nkuru bavuga ko amazi amaze iki? (**Barayanywa, barayatekesha, barayameshesha, bayakoresha isuku, bayuhiza ibihingwa**)

10:50- 11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Iminsi yose kuri iyi saha)
Indirimbo: Nimuze dukine.

Gutegura inguni (Iminsi yose kuri iyi saha)

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni 4 zitandukanye. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere, mu gitabo cya mbere.



- Tegura ibikinisho bitandukanye ubishyire mu nguni enye (4): inguni yo guhanga no kubaka, inguni y'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

- ✓ **Mu nguni ya mbere yo guhanga no kubaka,** hashyire: Utubuye, uduti, uducupa, uduce tw'urudodo, imigozi y'ibirere, udutafari, ibumba niba rihari, impapuro n'amakaramu y'igiti.
- ✓ **Mu nguni ya kabiri y'imibare:** hashyire: amakarita y'imibare, ibidomo, amashushongero, udutambaro amabara atandukanye, uducupa tunini n'uduto, ibibabi binini n'ibito, ibikombe birutana mu bunini, ibumba niba rihari.
- ✓ **Mu nguni ya gatatu y'imikino yigana:** hashyire ibikinisho by'imodoka, ibikoreshe byo mu gikoni, ibipupe, ibitambaro, ibikinisho by'itumanaho n'ibindi. Abana ubwabo bashobora kwishakira ibikinisho bitewe n'icyo bashaka gukina,
- ✓ **Mu nguni ya kane y'ururimi:** Hashyire amakarita ariho imirongo ihagaze, itambitse n'iberamye, inyuguti, ibumba niba rihari, uduce tw'udukarito tutanditseho, amakaramu y'igiti, amakarita y'inyuguti.
- Saba buri mwana aje mu nguni ashaka

Gukinira mu nguni

- Ha abana urubuga bakinishe ibikinisho wateguye uko babyumva.
- Shishikariza abana gusaranganya ibikinisho.
- Gendagenda mu matsinda ubabaza ibyo barimo gukora kandi ushishikarize abana bose gukora.
- Tanga ubufasha ku bana babukeneye.
- Reka abana bakinire mu itsinda mu gihe cy'iminota igera ku icumi
- Koma amashyi gatatu nk'ikimenyetso cyo guhinduranya inguni. (Buri nguni bayimaramo iminota 10)

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

- Saba abana gushyira ibyo bakoresheje ahabugenewe no gusukura aho bakiniye.
- Soza igikorwa ushimira abana bose.

11:30-11: 50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze duhange

Kuririmba indirimbo ivuga ku mazi (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Indirimbo: Mugezi utemba unsanga

*Mugezi utemba usanga
Ngo uze unyihere amazi
Dore mvuye kwiga
None nje mfite inyota
Banza umbwire ibyo mwize
Mbone kunyura aho uri
Ninsanga utabizi
Ntabwo nkwihera amazi.*

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Itegereze uko abana bagenda bafata mu mutwe indirimbo, ukomeze ufashe abafite ingorane.

Gushushanya umugezi (Kuwa ku wa mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya umugezi.
- Genzura ko buri mwana arimo gushushanya umugezi.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimire abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Kubumba ibikoresho bashyiramo amazi (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

- Tegura ibumba abana bose bari bukoreshe.
 - Bwira abana babumbe ibikoresho babikamo amazi.
 - Reka buri mwana abumbe uko abyumva mu rwego rwo kumufasha guhanga akiri muto.
 - Genzura ko buri mwana ari kubumba.
 - Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Icyitonderwa:** Mu gihe aho mutuye bigoranye kubona ibumba, reka abana bakomeze bakore imyitozo yo gushushanya.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Itegereze uko buri mwana abumba cyangwa ashushanya, umusabe gusobanura ibyo yakoze.

11:50 -12: 00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

7:30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Buri muni kuri iyi saha).

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye ibidukikije*

Kwitegereza no kuvuga akamaro k'amazi no gukangurira abana kuyakoresha neza (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa Kane)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana uburyo amazi akoreshwa.
- Saba abana kwitegereza iyo shusho igaragaza uburyo amazi akoreshwa.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona umuntu urimo kumesa, umuntu urimo kunywa amazi, umuntu urimo kuhira ibihingwa.
- Bwira abana akamaro k'amazi.
- Vuga: **amazi afite akamaro: turayanywa, turayatekesha, turayamesesha, tuyakoresha isuku, tuyuhiza ibihingwa.**
- Bwira abana: **Amazi yo kunywa agomba kuba atetse akabikwa mu kintu gisukuye.**
- Fasha abana gufata mu mutwe akamaro k'amazi ubasubirishamo kenshi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibibazo wakwifashisha:

- Usanze umuntu afunguye amazi arimo kumeneka wamubwira ngo iki? (**Funga amazi ntabwo ari byiza kwangiza amazi**)
- Kuki atari byiza kunywa amazi yo kuri robine cyangwa amazi y'imvura? **Ni uko atari amazi meza yo kunywa. Amazi meza yo kunywa agomba kuba atetse kandi abitse mu kintu gifite isuku.**

Ingaruka zo kunywa amazi mabi no kunywera mu bikoresho bidasukuye (Ku wa gatanu)

- Girana ikiganiro n'abana
- Bwira abana ko ari byiza kunywa amazi atetse
- Bwira abana ko bagomba kuyanywera mu bikoresho bisukuye.
- Bwira abana ko kunywa amazi adatetse no kunywera mu bikoresho bidasukuye bitera indwara nk'inzoka, kuruka no guhitwa.
- Ha abana umwanya mubiganireho mu buryo bwimbitse

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

Baza abana ibibazo bikurikira:

- 1) Kuki atari byiza kunywa amazi adatetse? **Ni uko atera indwara**
- 2) Ni izihe ndwara ziterwa no kunywa amazi adatetse? **Inzoka, kuruka no guhitwa.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo y'itonde ry'inyuguti (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo : ABCD, EFGH, IJKL, MNOP, RSTU, VWYZ

Kuvuga umuvugo (Buri munsu kuri iyi saha)

Umuvugo: Kavura na Kazuba

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

Genzura ko buri mwana yashoboye kuvuga umuvugo.




Kwandika inyuguti nkuru C mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti nkuru A



Kwandika inyuguti nkuru C (Ku wa Kabiri)



- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru A



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.
- **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**
- Genzura ko buri mwana yashoboye kubaka no kwandika inyuguti nkuru C, ufashe abafite ingorane.
- Saba umwana kuvuga imirongo igize inyuguti nkuru C. Ni **umurongo uheteye iburyo.**

Kwandika inyuguti nkuru D mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti nkuru A



Kwandika inyuguti nkuru D (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

Icyitonderwa: Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru A




- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Itegereze uko abana bandika inyuguti nkuru C na D

8:50-9:20: Nkunda Imibare




Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gukoresha indangahantu: Imbere (Ku wa mbere no ku wa Kabiri)


Tegura ibikoresho uri bwifashishe: umupira wo gukina, akajerekani, indobo n'ibindi wabona aho mutuye.



- Saba abana 2 kuza imbere
- Saba umwe guhagarara inyuma y'undi
- Baza bagenzi babo amazina y'umwana uri imbere
- Koresha uwo mwitoto abana bose.

- Tanga urugero ushyira ibintu imbere y'umwana ukoresha ijambo imbere
- Saba abana gushyira ibintu imbere y'umwana bakoresha ijambo imbere (umupira wo gukina, akajerekani, indobo n'ibindi)
- Urugero: umupira wo gukina uri imbere ya Teta
- Ha abana bose umwanya bakore uyu mwitozo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba baha

Gukoresha indangahantu: inyuma (kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Kane)



- Saba abana 2 kuza imbere
- Saba umwe guhagarara inyuma y'undi
- Baza bagenzi babo amazina y'umwana uri inyuma.
- Koresha uwo mwitozo abana bose.
- Tanga urugero ushyira ibintu inyuma y'umwana ukoresha ijambo **inyuma**
- Saba abana gushyira ibintu inyuma y'umwana bakoresha ijambo **inyuma** (umupira wo gukina, akajerekani, indobo n'ibindi)
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Urugero: umupira wo gukina uri inyuma ya Teta.
- Tanga ubufasha ku bana bafite imbogamizi zo kumenya ikiri imbere n'ikiri inyuma.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze mama shenge we.

Umukino wo gusimbuka umurongo bakajya imbere cyangwa inyuma (Ku wa Gatanu)

- Jyana abana hanze
- Bwira abana bahagarare ku murongo
- Ca umurongo utambitse imbere yabo
- Babwire ko nuvuga '**imbere**' bawusimbuka bakajya imbere, wavuga '**inyuma**' bakawusimbuka basubira inyuma
- Bwira abana ko nuvuga imbere bari imbere bakomeza guhagarara aho bari; wavuga inyuma bari inyuma, bagakomeza guhagarara aho bari

- Bwira abana ko uri butinde gusimbuka, cyangwa akajya mu kerekezo kitavuzwe ava mu murongo. Ibuka guha amahirwe abavuye mu murongo bongere bakine
- Soza umukino ushimira abana bose.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Buri muni muri iki cyumweru reba niba nta bana bagifite imbogamizi mu gukoresha indangahantu "imbere n'inyuma", wongere ubafashe mukore iyi myitozo muyisubiremo kenshi.
- Mu bikorwa byanyu bya buri muni igihe uri kumwe n'abana jya ubafasha gukoresha amagambo "imbere n'inyuma" atari muri iki cyumweru gusa.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



- **Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda

Gukina imikino abana bihitiyemo: (Iminsi yose kuri iyi saha)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana bihari
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo, ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uburyo bakina
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bese gukina.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Icyitonderwa: Ibikinsho abana bifashisha mu mikino yo hanze birebere mu cyumweru cya mbere cy'uku kwezi.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



- **Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma: Nkunda gusoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Indirimbo: Nkunda gusoma

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

Saba abana gusubiza ibibazo ku nkuru "Amatsiko ya Teta"

- 1) Nyina wa Teta yamubwiye ko amazi yo kunywa aturuka he?
- 2) Amazi yose aranyobwa?
- 3) Wakora iki unyuze ahantu ugasanga hari robine ifunguye amazi arimo kumeneka

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine.*

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' iy' imikino yigana (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batarwana, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo ivuga ku mazi: Mugezi utemba unsanga (Iminsi yose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gushushanya ibikoresho bitandukanye babikamo amazi cyangwa bikoresha mu kunywa amazi: igikombe, icupa, ijerekani

- Gushushanya igikombe (ku wa Mbere no ku wa Kabiri)
- Gushushanya icupa (ku wa Gatatu)
- Gushushanya akajerekani (ku wa Kane no ku wa Gatanu)

Icyitonderwa: Kora nkuko wabikoze mu mezi yashize.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'ikaze (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye.*

Gukora ibindi bikorwa biteganyijwe mu mwanya w'ikaze ku ruziga.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye ibidukikije.*

Kwitegereza no kuvuga ibihe by'ikirere ibibiranga (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana ibihe by'ikirere
- Saba abana kwitegereza iyo shusho igaragaza ibihe by'ikirere n'ibibiranga.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona imvura irimo kugwa, ndabona abantu bifubitse, ndabona izuba.
- Bwira abana ibihe by'ikirere n'ibibiranga.
- Vuga: *Hari ibihe by'imvura n'ibihe by'izuba: mu bihe by'imvura harakonja naho mu bihe by'izuba hagashyuha.*

- Baza abana ibibazo: genzura niba abana bamenye ibihe by'ikirere n'ibibiranga.
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanga.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibibazo wakwifashisha:

- 1) Mu bihe by'imvura wumva umeze ute? **Mu bihe by'imvura mba numva nkonje.**
- 2) Mu bihe by'izuba wumva umeze ute? **Mu bihe by'izuba numva hashyushye.**

Uko twakwirinda indwara ziterwa n'ubukonje (Kuva ku wa Kane kugeza ku wa Gatanu)

- Girana ikiganiro gito n'abana ubashishikarize kwifubika mu gihe k'imbeho no kudakinira mu mvura.
- Baza abana niba bazi indwara ziterwa n'ubukonje.
- Akira ibisubizo by'abana aho biba ngombwa ubinoze.
- Bwira abana ko iyo batifubitse ubukonje bushobora kubatera ibicurane cyangwa umusonga.
- Ha abana umwanya mubiganireho mu buryo bwimbitse

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

Baza abana ibibazo bikurikira:

- 1) Ni izi he ndwara ziterwa n'ubukonje? **Ibicurane n' umusonga**
- 2) Twakora iki ngo tuzirinde? **Ni ukwifubika igihe hakonje.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti: ABCD, EFGH, IJKL, MNOP, RSTU, VWYZ

Kuvuga umuvugo (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umuvugo: Kavura na Kazuba




- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo wo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho

Genzura ko abana bose bavuga umuvugo badacurikiranya amagambo kandi bifitiye icyizere.

Kwandika inyuguti nkuru E mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti nkuru A



Kwandika inyuguti nkuru E: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru A






- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

- Saba abana kuvuga amazina y' abantu bazi arimo inyuguti ya E: Emerita, Eliya
- Saba abana kuvuga imirongo igize inyiguti nkuru E: umurongo uhagaze n' imitongo itatu itambitse

Kwandika inyuguti nkuru F mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti A



Kwandika inyuguti nkuru F (Ku wa Kane no ku wa gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti A



Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Itegereze uko abana bandika inyuguti nkuru E na F

8:50-9:20: Nkunda Imibare






Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Iminsi yose kuri yi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi umunani icyenda icumi.

Kwandika umubare 1 mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 1 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 1 banyujije ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 1 bakoresheje ikaramu y'igiti: Abana b'imyaka 5 (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

Umubare



- Andika umubare 1 inshuro nyinshi aho abana bareba.
- Saba abana bandike umubare 1 mu makaye yabo.
- Fasha abafite imbogamizi, batabikoze neza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:

Saba buri mwana kuvuga akurikiranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 10; kwerekana ikintu kimwe; kubaka umubare 1 mu bintu bifatika, kwandika umubare 1 n'ikaramu y'igiti.

Ikitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika umubare 1 abandi bazakomeza kuwubaka no kuwubumba.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda*

Gukina umukino wo kugurutsa indege (ku wa Mbere)

- Tegura ibikinisho bizamurwa cyangwa bigakaragwa n'umuyaga. Urugero: Indege ikozwe mu bikarito, mu bipapuro n'ibindi.
- Bihe abana babikinishe birukanka bishimire uko umuyaga ubikaraga cyangwa ukabizamura mu kirere.

Umukino: Umuyaga uhuha (Ku wa Kabiri)

- Shyira abana ku ruziga.
- Banza utange urugero rw'uko umukino ukinwa.
- Vuga ngo: **umuyaga urahuha buhoro**, ari na ko uzunguza buhoro amaboko yawe n'igihimba utavuye aho uri.
- Ongerera uvuge ngo: **umuyaga urahuha cyane** ari na ko uzunguza cyane amaboko yawe n'igihimba utavuye aho uri.
- Koresha abana uyu mwitozo.
- Vuga ngo: umuyaga urahuha buhoro. Saba abana kuzunguza buhoro amaboko n'igihimba batavuye aho bari.
- Vuga ngo umuyaga urahuha cyane.
- Saba abana kuzunguza cyane amaboko n'igihimba batavuye aho bari.
- Koresha uyu mwitozo inshuro nyinshi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza umwitozo ushimira abana uvuga uti: **Murabikoze, mama shenge we!**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko abana bakina umukino bakurikiza amabwiriza, ureba abafite ingorane zo kuwukina ubafashe.

Gukina imikino abana bihitiyemo (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu bihari byakomeretsa abana.
- Kurikiranira hafi ibyo bakina n'uburyo bakina kandi ukinane na bo.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana
- Shishikariza abana bose gukina.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Icyitonderwa: Ibikinsho abana bifashisha mu mikino yo hanze birebere mu cyumweru cya mbere.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma*

Umwitozo ufatiye ku nkuru:

Baza abana:

- 1) Amazi mukoresha iwanyu mumesa, mwoza ibintu, mwiuhagira muyakura he?
- 2) Iyo uri mu rugo iwanyu ukura he amazi yo kunywa?

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine.*

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n'iy'imikino yigana (Iminsi yose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo ivuga ku mazi: Mugezi utemba unsanga (Iminsi yose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gushushanya no kubumba (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu)

Kubumba umupira w' imbeho na bote

Kora nk'uko wabikoze mu mezi yashize.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Reba niba abana batera imbere mu kubumba no mu gushushanya abafite ingorane ubafashe ubongera imyitozo.

11:50 -12: 00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Umurezi wacu turamukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze (Buri gihe cyose kuri iyi saha)

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse indirimbo n'uko ubigenza.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye ibidukikije

Kwitegereza no guhitamo imyambaro bakurikije ibihe by'ikirere (Kuva ku wambere kugeza ku wagatanu)

- Ereka abana imyambaro cyangwa ishusho iri mu gitabo yerekana imyambaro bambara bakurikije uko ikirere kimeze.
- Saba abana kwitegereza iyo shusho.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona abantu bambaye furari mu ijosi bitwikiriye umutaka, ndabona imvura irimo kugwa, ndabona abana bambaye amasengeri.
- Bwira abana ko mu gihe cy'imvura abantu bambara, imipira y'imbeho, amakote, furari, inkweto z'imvura (bote), amapantaro bakitwikira n'umutaka.
- Bwira abana ko mu gihe cy'izuba abantu bambara, amasengeri, imipira y'amaboko magufi, amajipo, amakabutura.
- Ibutsa abana ko bagomba kwirinda kugenda mu mvura.
- Saba abana kwerekana imyambaro bambara mu gihe cy'imvura n'iyi bambara mu gihe cy'izuba.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba abana bamenye iyo myambaro
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanga.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- 1) Ugiye gusura abantu imvura ihise wakwambara iki? **Umupira w'imbeho**
- 2) Ni iyihe myambaro twambara mu gihe cy'izuba? (**amasengeri, imipira y'amaboko magufi, amajipo, amakabutura**).

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Indirimbo y'itonde ry'inyuguti (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo : ABCD, EFGH, IJKL, MNOP, RSTU, VWYZ

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)

Umuvugo: Kavura na Kazuba

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

- Saba buri mwana kujya imbere avuge umuvugo: **Kavura na Kazuba**.
- Itegereze uko avuga umuvugo adacurikiranya amagambo kandi yifitiye ikizere.

Kwandika inyuguti nkuru G mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Kuwa mbere)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti nkuru A



Kwandika inyuguti nkuru G: abana b'imyaka itanu (Ku wa Kabiri no ku wa Gatatu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru A



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kwandika inyuguti nkuru H mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Kuwa ku wa kane)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti nkuru A



Kwandika inyuguti nkuru H: abana b' imyaka itanu (Ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru A



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.
- Niba hari umwana utumva mushimire uzunguza ibiganza wigana ukoma amashyi

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Itegereze uko abana bandika inyuguti nkuru G na H

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Kubaka mpandenye bakoresheje ibintu binyuranye (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Tegura utubuye n'uduti abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka mpandenye.
- Tanga urugero wubake mpandenye ukoresheje utubuye cyangwa uduti.



- Fatanya n'abana kubaka mpandenye mukoresheje utubuye, uduti.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka mpandenye.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba umwana kubara imirongo igize mpandenye. **Ni imirongo 4**
- Saba umwana kwerekana ibintu biri mu irerero bikoze mu ishusho ya mpandenye.

Idirishya.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Uku niko nywa igikoma

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda

Gukina umukino wo kuzuza umwuka mu mufuka (Ku wa Mbere)

- Tegura imifuka yavuyemo umuceri cyangwa ikoze mu bitenge
- Yizirikeho imigozi ahagana hejuru
- Saba abana kwitegereza ibyo ugiye gukora
- Fata ka kagozi kaziritse ku mufuka maze wiruke kugeza ubwo umufuka ugenda uzamuka mu kirere kandi wuzuramo umwuka
- Saba abana gukina bakurikije urugero wabahaye.



Umukino “Twifubike/Dukuremo imipira” bakora imiyego y’ingingo nini (Ku wa Kabiri)

- Tanga urugero rw’uko umukino ukinwa.
- Vuga uti: “**imvura, imvura!**”
- Abana bose bavuye ngo: “**twifubike**” maze bamere nk’abarimo kwifubika.
- Vuga uti: “**Imbeho imbeho!**”
- Abana basubize ngo “**twifubike**” maze bamere nk’abarimo kwifubika.
- Vuga uti: “**izuba, izuba!**”
- Abana basubize bati: “**Dukuremo imipira**” maze bamere nk’abarimo gukuramo imipira.
- Koresha uyu mwitozo inshuro nyinshi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza umwitozo ushimira abana uvuga uti: **Murabikoze, mama shenge we!**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z’ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Genzura ko abana bazi kwiya mbika no kuwiyambura umupira w’imbeho bitewe n’ uko ikirere kimeze.

Gukina imikino abana bihitiyemo (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu by’ abana byakomeretsa abana bihari
- Kurikiranira hafi ibyo bakina n’uburyo bakina kandi ukinane na bo.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana
- Shishikariza abana bese gukina.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Icyitonderwa: Ibikinisho abana bifashisha mu mikino yo hanze birebere mu cyumweru cya mbere.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Gusubiramo inkuru y'ukwezi (Ku wa mbere no ku wa kabiri)

- Ongerera usomere abana inkuru.
- Saba abana gusubiramo inkuru "Amatsiko ya Teta" bakoresheje amagambo yabo.

Gusakuza (Ku wa gatatu kugeza ku wa gatanu)

- Tegura mbere ibisakuzo uri busakuze abana
- Fatanya n'abana gusakuza, igihe bibagoye ubafashe kubisubiza.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Urugero: sakwe sakwe! Soma

- Nyiramakangaza ngo mutahe?

- **Imbeho ku rugi.**

Urugero: sakwe sakwe! Soma

- Nagutera icyambuka amazi kitagira amaguru

- **Ijwi**

Shimira abana ko bageraje gutahura ibisubizo by'ibisakuzo.

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine.

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' iy' imikino yigana (iminsi yose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze duhange

Kuririmba indirimbo ivuga ku mazi: Mugezi utemba unsanga (iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Mugezi utemba unsanga

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Kubaka mu mucanga no gutaka mpandenye (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Jyana abana aho wateguye uduti twinshi tungana.
- Fasha abana kubaka mpandenye bakoresheje uduti cyangwa kuyishushanya mu mucanga /mu gitaka bakoresheje urutoki.
- Basabe gutaka amashusho ya mpandenye bakoze bakoresheje utubuye, ibibabi, uturabo twihunguye, utubuto n'ibindi
- Saba buri mwana atake mpandenye yakoze uko abyumva



Gushushanya umutaka (Kuva ku wa kane kugeza ku wa Gatanu)

- Ereka abana umutaka
- Saba abana gushushanya umutaka
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Reba niba abana batera imbere mu gushushanya, abafite ingorane ubafashe ubongera imyitozo.

11:50 -12: 00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho

Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane.*

UKWEZI KWA GATANDATU

Insanganyamatsiko: Inyamaswa

Amatungo



Inyamaswa zo mu gasozi n'izo mu mazi



Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa Gatandatu k'umwaka wa gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Inyamaswa"** kugira ngo umwana ashobore gutandukanya amatungo n'inyamaswa ziba mu gasozi n'iziba mu mazi, kumenya akamaro kazo, no gutahura izishobora kumugirira nabi bityo agatozwa hakiri kare kuzirinda.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Iminsi yose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha).

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza no kuvuga amatungo aboneka aho batuye (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Jyana abana gusura amatungo niba hafi yanyu hari aho boroye.
- Saba abana kwitegereza ayo matungo.
- Baza abana amazina yayo matungo. **Ibisubizo: inka, ihene, inkwavu, inkoko...**
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Noza ibisubizo by'abana kandi niba hari amatungo batazi amazina uyababwire.
- Baza abana uti: Amatungo arya iki? Bareke bavuge ibyo babona ari kurya ndetse n'ibindi amatungo arya basanzwe bazi.
- Noza ibisubizo by'abana wongereho nibyo batavuze. Bwira abana ko **inka, ihene, intama, ingurube n'inkwavu birya ubwatsi. Injangwe zirya imbeba zikanywa n'amata, imbwa zirya amagufwa; inkoko zirya amasaka, ibigori zigatora n'udukoko duto nk'iseneni, iminyorogoto ...**
- Baza abana amazina y'amatungo boroye cyangwa babona aho batuye
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Kwitegereza amashusho y'amatungo (Ku wa gatatu no ku wa Kane)

- Ereka abana amashusho ariho amatungo atandukanye
- Baza abana amazina y'amatungo babona ku mashusho

- Noza ibisubizo by'abana
- Basubirishemo kenshi amazina y' amatungo n'ibyo aya.
- Saba abana babiri babiri gutangurana gukora ku ishusho y'itungo uvuze
- Fasha abana byagoye.
- Shimira abana bese uti: Aya mashyi ni ayanyu.

Umukino wo kwigana amajwi y'amatungo (Ku wa Gatanu)

- Icaza abana ku gice cy'uruziga ku buryo buri mwana aba yisanzuye.
- Bwira abana ko bagiye gufata amazina y'inyamaswa bashingiye ku majwi yazo.
- Igana uko amatungo avugaga (inka, imbwa, injangwe)
- Uko umaze kwigana itungo runaka baza uti: Ni irihe tungo rivugaga gutya?
- Akira ibisubizo by'abana kandi ufashe abagorwa no gutanga ibisubizo nyabyo.
- Ha abana umwanya na bo bayobore umukino.
- Nyuma y'umwitozo, saba abana kukubwira amajwi y'amatungo yabashimishije n'ayabashekeje kurusha ayandi.
- Soza umukino ushimira abana ubaha uturabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Ni irihe tungo rinywa amata? **Ni injangwe**
- Imbwa irya iki? (**Imbwa irya inyama, irya n'amagufwa.**)
- Ni ayahe matungo aya ibyatsi? (**Inka, ihene, intama, ingurube, inkwavu**)
- Ugiye kugaburira inkoko wayigaburira iki? (**Amasaka, ibigori, umuceri...**).

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD, EFGH, IJKL, MNOP, RSTU, VWYZ

Kuvuga umuvugo: Nzi amatungo n'inyamaswa (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kwutoza abana:

Umuvugo: Nzi amatungo n'inyamaswa

Ku wa Mbere nanyuze ku rwuri, mbona inka n'ihene zirisha

Ku wa Kabiri nanyuze ku kibuti, mbona udukwavu dusimbuka

Ku wa Gatatu niriwe mu rugo, nita ku nkoko zange eshatu

Ku wa Kane natembereye ku kiyaga, mbona amafi manini mu mazi

Ku wa Gatanu natembereye muri parike mbona impara n'imparage

Ku wa Gatandatu no ku cyumweru ndaruhuka

Nshimira Imana yaremeye inyamaswa.

- Reba mu kwezi kwa Mbere wiyibutse uko ufasha abana gufata mu mutwe uyu muvugo.
- Nibamara kuwufata mu mutwe, uzajya uwutangiza ibikorwa by'Ikinyarwanda.
- Ujye uhora wibuka gushimira buri mwana igihe avuze umuvugo niyo yaba atarawufata neza. Gushimira abana bose na byo ni byiza iyo bawuvugiye hamwe. Ushobora gukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Saba buri mwana kujya imbere avuge umuvugo: Nzi amatungo n'inyamaswa. **Witegereze uko avuga umuvugo adacurikiranya amagambo kandi yifitiye ikizere.**



Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Gutahura ijwi "I" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti I: IGITI, IBARA, IKARA, IFI, INAMA, IRIBAGIZA.**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti I**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi I: Urugero: **INEZA, ITAMA.**
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Kubaka inyuguti nkuru I (Ku wa Kabiri)

- Tegura utubuye n'uduti abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka inyuguti I.
- Tanga urugero wubake inyuguti I ukoresheje utubuye.



- Fatanya n'abana kubaka inyuguti I ukoresheje uduti.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka inyuguti I bakoresheje utubuye n'uduti
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Kubumba inyuguti nkuru I (Ku wa Gatatu)

- Tegura ibumba abana bose bari bukoresha.
- Bwira abana ko mugiyeye kubumba inyuguti I.
- Tanga urugero ubumbe inyuguti I ukoresheje ibumba.



- Fatanya n'abana kubumba inyuguti I.
 - Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
 - Genzura ko buri mwana abumba inyuguti I.
 - Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Icyitonderwa:** Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru I bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y'amacupa.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Reba niba abana batanga imbere mu kubumba no kubaka inyuguti nkuru, abafite ingorane ubafashe ubongera imyitozo.

Kwandika inyuguti nkuru I mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kane)




- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye inyuguti nkuru I mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika inyuguti nkuru I banyujije ikaramu y'igiti muri twa tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufasha ku bana babukeneye

Kwandika inyuguti nkuru I bakoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Saba abana gufata ikaramu y'igiti.
- Erekerabana uko bandika inyuguti nkuru I.



- Fatanya n'abana kwandika inyuguti nkuru I mukoresheje ikaramu y'igiti.
- Saba abana kwandika inyuguti nkuru I bakoresheje ikaramu y'igiti.
- Genzura ko buri mwana yashoboye kwandika inyuguti nkuru I, ufashe abafite ingorane.

- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama we.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga ibintu babona iwabo bifite amazina arimo inyuguti I:
IKABUTURA, IJIPO.
- Saba umwana kuvuga imirongo igize inyuguti I nkuru. **Ni umurongo uhagaze n'imirongo ibiri itambitse.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru I.

Icyitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika inyuguti nkuru I, abandi bazakomeza imyitozo yo kuyubaka.

8:50-9:20: Nkunda Imibare






Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kwandika umubare 2 mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 2 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 2 banyujije ikaramu y'igiti muri twa tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 2 bakoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kabiri)

Umubare



- Andika umubare 2 inshuro nyinshi aho abana bareba.
- Saba abana bandike umubare 2 mu makaye yabo.
- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika **umubare 2**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

- Saba abana kukwereka ibintu 2 (utubuye, ikaramu, udukarita. ...)
- Saba abana kubaka no kwandika umubare 2.

Ikitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika umubare 2 abandi bazakomeza kuwubaka no kuwubumba.

Kuvuga igikorwa n'igihe gikorwa (Ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatatu)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwutoza abana:

Umuvugo: Umunsi wanjye

Mu gitondo kare ndabyuka

Ngasenga nshimira Imana inkunda

Ngakaraba mu maso n'umubiri wose

Ababyeyi bakanjyana mu irerero

Saa yine nywa igikoma maze nkanezerwa

Saa sita ndataha ngasubira mu rugo

Nijoro ndaryama nkarota ibintu byiza.

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Baza ibibazo urebe ko abana bamenye ibikorwa n'igihe bikorerwa.
- Muza mu irerero ryari? **Igisubizo: Mu gitondo**
- Igikoma mukinywa ryari? **Igisubizo: Saa yine**
- Mutaha ryari? **Igisubizo: Saa sita**
- Muryama ryari? **Igisubizo: Nijoro**

Shimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, mama shenge weee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

Saba buri mwana kujya imbere avuge umuvugo: **Umunsi wanjye. tegereza uko avuga umuvugo adacurikiranya amagambo kandi yifitiye ikizere.**

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda*

Gukina umukino wo kwigana uko amatungo agenda (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kabiri)

- Shushanya imirongo ibiri itambitse hagati y'umurongo n'uwundi uhashyire intera ya metero 4 kugeza kuri 6;
- Sobanurira abana ko bagiye kwigana uko amatungo agenda bava ku murongo umwe bajya ku wundi;
- Saba abana kujya inyuma y'umurongo umwe;
- Vuga izina ry'itungo, usabe abana kwigana uko rigenda bajya ku murongo wa kabiri; Ingero: Kwigana kugenda nk'inka, gutaruka nk'urukwavu
- Bwira abana ko mu gihe bigana uko itungo rigenda banigana uko rivuga;
- Genzura ko abana bose bari gukina, ufashe abo byagoye;
- Saba abana kuvuga andi matungo babona aho batuye muyigane;
- Soza umukino ushimira abana bose.

Gukina imikino abana bihitiyemo (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana bihari.
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...) ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina kandi ukinane nabo.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma*. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gusoma inkuru Shema yagiye gusura parike no gusubiza ibibazo ku nkuru (Kuwa kuwa mbere kugeza kuwa gatanu)


- Itegere, ubanze usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana umutwe w'inkuru
- Somera abana inkuru ikurikira witonze, wifashishije amashusho n'inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Inkuru: Shema yungutse ubumenyi ku nyamaswa

MUHIRE NA KAYITESI NI ABABYEYI BA SHEMA. MU RUGO RWABO BOROYE INKA, INTAMA N'IHENE.



HARI KANDI N'IBIBUTI BIRIMO INGURUBE, INKWAVU, INKOKO N'IMBATA.



BAFITE IMBWA EBYIRI N'INJANGWE IMWE.



SHEMA AKUNDA KUNYWA AMATA Y'INSHYUSHYU KUKO INKA ZABO ZIKAMWA. BURI MUNSI BAMUHA IGI RIMWE KUKO INKOKO ZITERA AMAGI.




MU GIHEMBWE CYA MBERE, SHEMA YATSINZE NEZA AMASOMO ABABYEYI BE BAMUHEMBA GUTEMBERA MURI PARIKE.





MU ISHYAMBA RYA PARIKE, SHEMA YABONYEMO TWIGS, INZOVU, INTARE, IMPARA, IMPARAGE N'IMBOGO.




YUMVAGA YAKWIGUMIRA MURI PARIKE AGAKOMEZA KUMVA AMAJWI Y'INYONI NYINSHI ZARIRIMBAGA MU MASHAMI Y'IBITI, NI KO GUSABA ABABYEYI BE KUZAMUGARURA BARAMWEMERERA.




MBERE YO GUTAHA, SHEMA YABAJIJE ABABYEYI BE IMPAMVU ATABONYE INGAGI MAZE BAMUBWIRA KO ZIBA MURI PARIKE Y'IBIRUNGA.



MU NZIRA BATAHA BANYUZE HAFI Y'IKIYAGA MAZE ABABYEYI BA SHEMA BAMUBWIRA KO MU BIYAGA HABAMO AMAFI, INGONA, N'IMVUBU N'IBIKERI.



SHEMA YASHIMIYE ABABYEYI MAZE ABASEZERANYA KO AZAKOMEZA GUTSINPA NEZA MU ISHURI.



Muhire na Kayitesi ni ababyeyi ba Shema. Mu rugo rwabo borora inka, intama n'ihene. Hari kandi ibibuti birimo ingurube, inkwavu, inkoko n'imbata. Bafite imbwa ebyiri n'injangwe imwe. Shema akunda kunywa amata y'inshyushyu kuko inka zabo zikamwa. Buri muni bamuha igi rimwe kuko bafite inkoko zitera amagi. Mu gihembwe cya mbere, Shema yatsinze neza amasomo ababyeyi be bamuhemba gutembera muri parike. Mu ishyamba rya parike, Shema yabonyemo twiga, inzovu, intare, impara, imparage n'imbogo. Yumvaga yakwigumira muri parike agakomeza kumva amajwi y'innyoni nyinshi zaririmbiraga mu mashami y'ibiti, ni ko gusaba ababyeyi be kuzamugarura baramwemerera. Mbere yo gutaha. Shema yabajije ababyeyi be impamvu atabonye ingagi maze bamubwira ko ziba muri parike y'Ibirunga. Mu nzira bataha banyuze hafi y'ikiyaga maze ababyeyi ba Shema bamubwira ko mu biyaga habamo amafi, ingona, imvubu n'ibikeri. Shema yashimiye ababyeyi maze abasezeranya ko azakomeza gutsinda neza mu ishuri.

- Somera abana inkuru ku nshuro ya kabiri
- Baza ibibazo bikurikira:
- Inkuru yitwa ngo iki? (**Shema yagiye gusura parike**)
- Ni ayahe matungo iwabo wa Shema boroye? (Ibisubizo: **Inka, intama, ihene, ingurube, inkwavu, inkoko, imbata, imbwa n'injangwe**)
- Ni ayahe matungo aba mu biraro? (**inka, intama n'ihene**)
- Ni ayahe matungo aba mu bibuti? (**ingurube, inkwavu, inkoko n'imbata**)

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Iminsi yose kuri iyi saha)
Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni (Iminsi yose kuri iyi saha)

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni 4 zitandukanye. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere, mu gitabo cya mbere.

- Tegura ibikinisho bitandukanye ubishyire mu nguni enye (4): inguni yo guhanga no kubaka, inguni y'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.
- ✓ **Mu nguni ya mbere yo guhanga no kubaka**, hashyire: Utubuye, udukiye, uducupa, uduce tw'urudodo, imigozi y'ibirere, udutafari, ibumba niba rihari, impapuro n'amakaramu y'igiti.
 Shishikariza abana gukorera hamwe ariko n'abashaka gukora bonyine ubareke.

- ✓ **Mu nguni ya kabiri y'imibare** hashyire: amakarita y'imibare, ibidomo, amashushongerero, udutambaro amabara atandukanye, uducupa tunini n'uduto, ibibabi binini n'ibito, ibikombe birutana mu bunini, ibumba niba rihari n'amashusho ya mpandenye.
- ✓ **Mu Nguni ya gatatu y'imikino yigana**, hashyire ibikinisho by'imodoka, ibikoresho byo mu gikoni, ibipupe, ibitambaro, ibikinisho by'itumanaho n'ibindi. Abana ubwabo bashobora kwishakira ibikinisho bitewe n'icyo bashaka gukina. **Icyitonderwa:** Muri iyi nguni, ongeramo uduti, ibivovo, imigozi n'ibyatsi. Reka abana babikoreshe uko babyumva. Shishikariza abana gukorera hamwe.
- ✓ **Mu nguni ya kane y'ururimi**, hashyire amakarita ariho imirongo ihagaze, itambitse n'iberamye, ibumba niba rihari, uduce tw'udukarito tutanditseho, amakaramu y'igiti, amakarita y'inyuguti.
- Saba buri mwana aje mu nguni ashaka

Gukinira mu nguni

- Ha abana urubuga bakinishe ibikinisho wateguye uko babyumva.
- Shishikariza abana gusaranganya ibikinisho.
- Genda genda mu matsinda ubabaza ibyo barimo gukora kandi ushishikarize abana bose gukora.
- Tanga ubufasha kubana babukeneye.
- Reka abana bakinire mu itsinda mu gihe cy'iminota igera ku icumi
- Koma amashyi gatatu nk'ikimenyetso cyo guhinduranya inguni. (Buri nguni bayimaramo iminota 10)

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

- Saba abana gushyira ibyo bakoresheje ahabugenewe no gusukura aho bakiniye.
- Soza igikorwa ushimira abana bose.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)
Indirimbo: Nimuze duhange (mu nyana ya habayeho akanuma.)

Kuririmba indirimbo ivuga ku matungo (Ukwezi kose)

- Itegure ubanze kwitoza kuririmba neza indirimbo **“Njyewe nkunda amatungo”** mbere yo kuyigisha.

Indirimbo

Njyewe nkunda amatungo

Wowe ukunda amatungo

Amatungo ni meza n’ingirakamaro,

Inka muri hehe, muri he muri he? Mooo! Mooo!

Imbwa muri hehe, muri he muri he? HUUU! HUUU!

Ihene muri hehe, muri he muri he? Meee! Meee!

Intama muri hehe, muri he muri he? Maaa! Maaa!

Injangwe muri hehe, muri he muri he? Myawuuu! Myawuuu!

Inkoko muri hehe, muri he muri he? Kokokoko! Gugurugu!

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi ugaragaza amarangamutima bijyanye
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe

Kubumba amagi y’inkoko (Kuwa ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

Kora nk’uko wakoze mu mezi yashize

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari ha abana amakaramu y’igiti n’amakaye bashushanye.

Gushushanya inkoko (Ku wa kane)

- Saba abana gufata ikayi n’ikaramu y’igiti.
- Saba abana gushushanya inkoko.
- Genzura ko buri mwana arimo gushushanya inkoko
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimire abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Iminsi yose kuri iyi saha)

- Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Iminsi yose, buri munsu kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Iminsi yose kuri iyi saha).

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

**Kwitegereza no kuvuga aho amatungo aba (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)
Igikorwa cya mbere**

- Niba mu rugo murimo hari amatungo cyangwa hafi yanyu hari aho ari, jyana abana kuyasura .
- Saba abana kwitegereza aho amatungo aba.
- Saba abana kukubwira aho amatungo aba. **Ibisubizo:mu kiraro, mu kibuti, ...**
- Shimira abana ku bw'ibisubizo batanze.
- Noza ibisubizo by'abana kandi urusheho kubasobanurira: Vuga uti: Inka, ihene, n'intama ziba mu biraro. Ingurube, inkwavu n'inkoko ziba mu bibuti.
- Basubirishemo kenshi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Igikorwa cya Kabiri (Ku wa Gatatu)

- Ereka abana amashusho ari mu gitabo yerekana aho amatungo aba.
- Saba abana kwitegereza ayo mashusho.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona inka iri mu kiraro, ndabona inkoko ziri mu kibuti.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Fatanya n'abana gukina umukino wo gutangurana kuvuga aho amatungo aba.
- Vuga uti: Inka, abana basubize bati: iba mu kiraro
- Komeza uvuge n'andi matungo.
- Ha abana umwanya na bo bayobore umukino.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Igikorwa cya gatatu: Kwitegereza no kuvuga akamaro k'amatungo (Ku wa kane)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana amatungo n'akamaro kayo.
- Saba abana kwitegereza iyo shusho igaragaza akamaro k'amatungo.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona inkoko iri iruhande rw'amagi, ndabona umuntu urimo gukama inka.
- Baza abana uti: Amatungo atumariye iki?
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Vuga uti: Inka, ihene, intama, ingurube, inkwavu n'inkoko biduha inyama. Inka n'ihene biduha amata, inkoko ziduha amagi, injangwe ifata imbeba naho imbwa irinda urugo.
- Fasha abana kumenya neza akamaro k'amatungo ubasuburishamo kenshi.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye neza akamaro k'amatungo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Ni nde watubwira amatungo aba mu biraro? **Ibisubizo: Inka, ihene, intama**
- Ni nde watubwira amatungo aba mu kibuti? (Ibisubizo: **ingurube, inkwavu, inkoko**)
- Ni ayahe matungo aduha amata? (Ibisubizo: **Inka n'ihene**)
- Ni ayahe matungo aduha amagi? (Ibisubizo: **inkoko**)

Igikorwa cya kane: Kwirinda amatungo yabagirira nabi (Ku wa Gatanu)

- Girana ikiganiro n'abana
- Bwira abana ko atari byiza gukinisha cyangwa gushotora amatungo kuko ashobora kubagirira nabi.
- Urugero: Imbwa n'ingurube bishobora kubarya, inka ishobora kubicisha amahembe.
- Ha abana umwanya mubiganireho mu buryo bwimbitse

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

Baza abana iki kibazo:

- ✓ Kuki atari byiza gukinisha cyangwa gushotora amatungo? **Nuko ashobora kutugirira nabi** (Imbwa n'ingurube bishobora kuturya, inka ishobora kutwicisha amahembe)

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Buri muni kuri iyi saha).

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)

Umuwugo: *Nzi amatungo n'inyamaswa*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.


Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Genzura ko buri mwana yashoboye kuvuga umuvugo adacurikiranya amagambo.

Gutahura ijwi "J" mu mazina no mu magambo bamenyerewe (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti J**: IJOSI, IJERI, IJAGI, IJURU, UMUJURA, JANI.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti J**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **J**: Urugero: IJURU, IJIPO.

Kubaka inyuguti nkuru J ukoresheje utubuye (Ku wa Kabiri)



Icyitonderwa: Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru J

Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kubumba inyuguti nkuru J (Ku wa Gatatu)



Kurikiza inama zatanzwe mu kubumba inyuguti nkuru I.

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru J bakoresheje utubuye, cyangwa imifuniko y'amacupa.


Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Reba niba abana batera imbere mu kubumba no kubaka inyuguti nkuru J abafite ingorane ubafashe ubongera imyitozo.

Kwandika inyuguti nkuru J mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kane)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



Kwandika inyuguti nkuru J ukoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga ibintu babona iwabo bifite amazina arimo inyuguti ya J: **Ijerekani, ijagi.**
- Saba abana kuvuga amazina y'abantu bazi arimo inyuguti J: **Jani, Jabo.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru J.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kubaka mpandeshatu bakoresheje ibintu binyuranye (Kuwa ku wa Mbere kugeza ku wa Kane)

- Tegura utubuye n'uduti abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka mpandeshatu.
- Tanga urugero wubake mpandeshatu ukoresheje utubuye cyangwa uduti.



- Fatanya n'abana kubaka mpandeshatu mukoresheje utubuye, uduti.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka mpandeshatu.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bose ukoma amashyamba uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Kubumba mpandeshatu (Kuwa Gatanu)



- Tegura ibumba abana bose bari bukoreshe
- Ereka abana uko babumba ishusho ya mpandeshatu
- Saba buri mwana abumbe mpandeshatu.
- Genzura uko abana babumba mpandeshatu utange ubufasha ku babukeneye.

Ikitonderwa: Niba nta bumba riboneka aho mutuye reka abana komeze kubaka mpandeshatu bakoresheje utubuye, imifuniko y'amacupa cyangwa uduti.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina imikino abana bihitwemo (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana.
- Reka abana bakine imikino bihitwemo, ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina kandi ukine na bo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bese gukina.

Icyitonderwa: Ibikinisho abana bifashisha mu mikino yo hanze birebere mu cyumweru cya mbere cy'uku kwezi.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

- Somera abana inkuru witonze
- Baza ibibazo bikurikira:

- 1) Ni izihe nyamaswa ziba mu mazi? (**amafi, ingona, imvubu**)
- 2) Ni izihe nyamaswa Shema yabonye muri parike? Ibisubizo: **Twiga, inzovu, intare, impara, imparage n'imbogo n'inyoni.**
- 3) Ababyeyi ba Shema bamubwiye ko mu biyaga habamo iki? Ibisubizo: **amafi, ingona, imvubu n'ibikeri**
- 2) Ni iki Shema yasezeranyije ababyeyi be? Ibisubizo: (**Gukomeza gutsinda neza mu ishuri**)

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Buri muni kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n'iiyimikino yigana (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze duhange (mu nyana ya habayeho akanuma. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Gukora mpandeshatu (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa Gatatu)



- Tegura uduti tungana, ibirere cyangwa indi migozi.
- Jyana abana hanze, ubereka ishusho ya mpandenyeye;
- Kora amatsinda atanu agizwe n'abahungu n'abakobwa.
- Saba buri tsinda gufata uduti 3 bagakora mpandeshatu bifashishije ishusho waberetse.
- Basabe guhambiranya aho utwo duti duhurira bakoresheje ya migozi. Basabe kubikora bafatanyije;
- Tanga ubufasha ku itsinda ribukeneye;
- Saba amatsinda yose kuzana ibyo bakoze.
- Fatanya n'abana guhitamo mpandeshatu zakozwe zikaba zikomeye kurusha izindi.
- Soza iki gikorwa ushimira abana bose.

Gushushanya ikiraro n'inka (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

Ikitonderwa: Kora nkuko wakoze ushushanya inkoko.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Iminsi yose, kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Iminsi yose kuri iyi saha).

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza no kuvuga inyamaswa zo mu gasozi (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana inyamaswa zo mu gasozi ubasabe kuyitegereza.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: **ndabona intare, ndabona inzovu, ndabona imparage.**
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Bwira abana inyamaswa zo mu gasozi n' aho ziba: inzovu, imbogo, intare, ingwe, impara, imparage, ingagi, inzoka, inyoni.
- Fasha abana kumenya neza inyamaswa zo mu gasozi ubasubirishamo kenshi.
- Bwira abana ko inyamaswa zo mu gasozi ziba mu ishyamba kandi ko atari byiza gukinira mu bihuru no mu ishyamba kuko inyamaswa zo mu gasozi zabarya cyangwa zikabakomeretsa.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye neza inyamaswa zo mu gasozi n'aho ziba.
- Ni izi he nyamaswa zo mu gasozi twabonye. **(Ibisubizo: inzovu, imbogo, intare, ingwe, impara, imparage, ingagi, inzoka, inyoni).**
- Ni nde watubwira aho inyamaswa zo mu gasozi ziba? **(Igishubizo: ziba mu ishyamba).**
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Kwitegereza no kuvuga ku dukoko duto (Ku wa Kane)

- Bwira abana udukoko duto wateguye kubigisha: isazi, umubu, inzuki, amavubi, intozi.
- Bwira abana ko inzuki ziduha ubuki ariko tutagomba kuzikinisha kuko zidwingana.
- Bwira abana ko imibu nayo itera malariya ko bagomba kurara mu nzitiramibu, bakabwira n'ababyeyi babo gukura ibigunda n'ibidendezi by'amazi hafi y'urugo.
- Bwira abana ko batagomba gukinisha intozi n'amavubi ko byabagirira nabi.

- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye neza udukoko: udufite akamaro n'utwo bagomba kwirinda.
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

1. Ni utuhe dukoko tugomba kwirinda? (**Igisubizo: inzuki, intozi n'amavubi**).
2. Ni akahe gakoko gatera maraliya? (**umubu**)
3. Inzuki zitumariye iki? **ziduha ubuki**.
4. Kuki atari byiza gukinira mu bihuru no mu mashyamba? **Kuko inyamaswa zo mu gasozi zaturya cyangwa zikadukomeretsa.**

Kwirinda inyamaswa n'udukoko twabagirira nabi (Ku wa Gatanu)

- Girana ikiganiro n'abana
- Bwira abana ko atari byiza gukinisha cyangwa gushotora inyamaswa nk'inzoka kuko ishobora kubaruma, amavubi n'inzuki byo bishobora kubadwanga.
- Ongeraho ko bagomba kwirinda kurumwa n'umubu kugira ngo utabatera marariya bityo ubashishikarize kurara mu nzitiramibu
- Ha abana umwanya mubiganireho mu buryo bwimbitse

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

Baza abana ibi bibazo:

- 1) Kuki atari byiza gukinisha cyangwa gushotora inyamaswa n'udukoko duto?
Nuko bishobora kutugirira nabi (inzoka ishobora kuturuma, amavubi n'inzuki bishobora kutudwanga)
- 2) Ni gute twakwirinda indwara ya marariya? **Ni ukurara mu nzitiramibu**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Buri muni kuri iyi saha).

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)

Umuvugo: *Nzi amatungo n'inyamaswa*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru


- Genzura ko buri mwana yashoboye kuvuga umuvugo adacurikiranya amagambo.

Gutahura ijwi “K” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti K**: IKORA, Umutaka, KAMALI, UKUGURU, KAMANA, AGAKONI.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry’inyuguti K**
- Saba abana gutanga andi magambo n’amazima bazi yumvikanamo ijwi **K**: Urugero: KEZA, AKARABO.

Kubaka inyuguti nkuru K ukoresheje utubuye cyangwa uduti (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kubumba cyangwa kubaka inyuguti nkuru K (Ku wa Gatatu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru K bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y’amacupa.




Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z’ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Reba niba abana batera imbere mu kubumba no mu kubaka inyuguti nkuru abafite ingorane ubafashe ubongera imyitozo.




Kwandika inyuguti nkuru K mu tudomo : abana b’imyaka 5 (Ku wa Kane)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



Kwandika inyuguti nkuru K ukoresheje ikaramu y’igiti: abana b’imyaka 5 (Ku wa gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga ibikoresho bakoresha mu irerero birimo inyuguti ya K. **Ikayi**
- Saba umwana kuvuga imirongo igize inyuguti ya K nkuru? Inyuguti ya K igizwe n'umurongo uhaze n'imirongo ibiri: **umwe uberamiye iburyo, undi uberamiye ibumoso.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru K.

8:50-9:20: Nkunda Imibare






Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Kwandika umubare 3 mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 3 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 3 banyujije ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 3 bakoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kabiri)

- Andika umubare 3 inshuro nyinshi aho abana bareba uko ubigenza.



- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika **umubare 3**
- Saba abana bandike umubare 3 mu makaye yabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba umwana kubara akerekana intoki 3 cyangwa ibindi bintu afite.
- Genzura ko abana bashobora kubaka umubare 3 badafite aho bawurebera.
- Babaze imirongo igize umubare 3. Ni imirongo 2 ifatanye iheteye ibumoso.

Ikitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika umubare 3 abandi bazakomeza kuwubaka no kuwubumba.

Gutondeka ibintu uherye ku kigufi cyane ujya ku kirekire cyane (Kuwa Gatatu no ku Kane)

- Tegura uduti tugufi cyane, tugufi, turinganiye, tureture, tureture cyane.
- Tanga urugero utondeke, uduti dutanu muri ubu buryo. Urugero banza agati kagufi cyane, ukurikizeho agati kagufi, ukurikizeho agati karinganiye, ukurikizeho agati karekare, uherukire ku gati karekare cyane.



- Fatanya n'abana gutondeka uduti dutanu turutanwa mu burebure uherye ku kagufi cyane.
- Koresha abana uwo mwitoto wo gutondeka uduti dutanu turutanwa mu burebure uherye ku kagufi cyane inshuro nyinshi.
- Tanga ubufasha ku bana bagorwa no gutondeka uduti dutanu turutanwa mu burebure uherye ku kagufi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Aya mashyi ni ayanyu.

Gutondeka ibintu uherye ku kirekire cyane ujya ku kigufi cyane (Ku wa Gatanu)

- Tegura uduti tureture cyane, tureture, turinganiye, tugufi, tugufi cyane,
- Tanga urugero utondeke uduti dutanu muri ubu buryo. Urugero banza agati karekare cyane, ukurikizeho agati karekare, ukurikizeho agati karinganiye, ukurikizeho agati kagufi, uherukire ku gati kagufi cyane.



- Fatanya n'abana gutondeka uduti dutanu turutanwa mu burebure uhereye ku karekare cyane.
- Koresha abana uwo mwitozo wo gutondeka uduti dutanu turutanwa mu burebure uhereye ku karekare cyane, inshuro nyinshi.
- Tanga ubufasha ku bana bafite ingorane mu gutondeka uduti dutanu turutanwa mu burebure uhereye ku karekare cyane.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze mama shenge weee.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komezaga gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina umukino wo kwigana uko inyamaswa zigenda (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kabiri)

- Kora nkuko wakoze mu cyumweru cya mbere mu mukino wo kwigana amatungo. Ingero z'inyamaswa bazigana: gukubita amababa bigana inyoni, kurega ijosi bakagenda nka Twiga (Agasumbashyamba), kuzunguza amaboko n'umutozi bakagenda nk'inzovu.
- **Ikitonderwa:** Niba kwigana amajwi y'inyamaswa bigoye reka abana bigane gusa uko zigenda.

Gukina imikino abana bihitiyemo (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana bihari.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo, ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina kandi ukine na bo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.

Icyitonderwa: Ibikinisho abana bifashisha mu mikino yo hanze birebere mu cyumweru cya mbere.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma*

Umwitozo ufatiye ku nkuru (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu)

- Baza abana umwe umwe itungo bakunda cyangwa batinya: Ni irihe tungo ukunda? Ni irihe tungo utinya?
- Akira ibisubizo byose kandi usabe abana mushimire uvuze.

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' imikiono yigana (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Icyitonderwa: Mu nguni y'imibare, ongeramo mpandeshatu

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11:50: Duhange




Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange (mu nyana ya habayeho akanuma)*

Kubumba inzoka (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kane)

- Tegura ibumba abana bose bari bukoresha
- Bwira abana ko mugiyeye kubumba inzoka
- Tanga urugero wereke abana uko babumba inzoka.
- Ha abana bose ibumba ubasabe kurikaraga bagakora ishusho y'inzoka.
- Saba abana gukora utubiye duto mu ibumba bagakora amaso
- Saba abana nanone bakarage ibumba bakore umurongo muto uhagaze bawifashishe nk'ururimi.
- Tanga ubufasha ku bana babukeneye. Shimira abana bose uti: Aya mashyi ni ayanyu!



Ubundi buryo: Mu gihe nta bumba rihari, mwakoresha imifuniko y'amacupa mukayitondeka mugakora ishusho y'inzoka.



Gushushanya umugara w'intare (kuwa Gatanu)

- Jyana abana hanze ahari umucanga woroshye cyangwa igitaka;
- Bwira abana ko mugiyeye gushushanya umugara w'intare mukoresheje ibiganza byose;
- Saba abana gushushanya uruziga bakoresheje urutoki rukurikiranye n'igikumwe rw'iburyo n'urw'ibumoso;
- Bwira abana ko urwo ruziga bashushanyije ari umutwe w'intare;
- Saba abana bongere bakoreshe intoki 2 z'ibiganza bitandukanye bazengutse imirongo kuri rwa ruziga bakore umugara w'intare.
- Bwira abana bongereho amaso, amazuru n'umunwa.
- Shimira abana ubabwire ko buri wese yashushanyije neza.



11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Iminsi yose kuri iyi saha)

- Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane.*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya Kane

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Iminsi yose, kuri iyi saha)

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Iminsi yose kuri iyi saha).

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza no kuvuga inyamaswa zo mu mazi (Kuva ku Mbere kugeza ku wa gatanu)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana inyamaswa zo mu mazi ubasabe kuyitegereza.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona amafi, ndabona imvubu, ndabona ingona...
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Bwira abana inyamaswa zo mu mazi wateguye kubigisha: Amafi, imvubu, ingoma, ibikeri.
- Fasha abana kumenya neza izo nyamaswa zo mu mazi ubasubirishamo kenshi.
- Bwira abana ko ari byiza kurya amafi kuko atuma bakura neza.
- Bwira abana ko batagomba kujya gukinira hafi y'ibiyaga no kwidumbaguzwa mu migezi kuko inyamaswa zibamo zishobora kubagirira nabi.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye inyamaswa zo mu mazi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

1. Ni akahe kamaro k'amafi? **Amafi atuma abana bakura neza.**
2. Kuki abana batagomba kujya gukinira hafi y'ibiyaga no kwidumbaguzwa mu migezi? **(Ni uko inyamaswa ziba mu mazi zishobora kubagirira nabi; bashobora kurohama muri ayo mazi)**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri icyi cyumweru

- Baza abana iki kibazo: Kuki atari byiza kujya gukinira hafi y'imigezi n'ibiyaga? **Ni uko habamo ingona n'imvubu byatugirira nabi.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (bizakorwa buri munsi kuri iyi saha).

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo (Buri muni kuri iyi saha)

Umuvugo: Nzi amatungo n'inyamaswa

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.






Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

- Genzura ko buri mwana yashoboye kuvuga umuvugo adacurikiranya amagambo.

Gutahura ijwi “L” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti L**: KIGALI, KALISA
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti L**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **L**: Urugero: RULI, JALI.



Kubaka inyuguti nkuru L bakoresheje uduti cyangwa utubuye (Ku wa Kabiri no ku wa Gatatu)



- Kora uko wakoze ku nyuguti I
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza


Kwandika inyuguti nkuru L mu tudomo: abana b' imyaka 5 (Ku wa Kane)

- Kora uko wakoze ku nyuguti I



Kwandika inyuguti nkuru L bakoresheje ikaramu y'igiti, abana b' imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

Kora uko wabikoze ku nyuguti I



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga amazina y'abantu cyangwa ahantu arimo inyuguti ya L: **KIGALI, KALISA, JALI.**
- Saba umwana kuvuga imirongo igize inyuguti L nkuru. **Ni umurongo uhagaze n'umurongo utambitse.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru L.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gukoresha indangahantu: ku (Ku wa Gatanu)

- Tegura ibikoresho uri bwifashisha: umupira wo gukina, akajerekani, igikombe, ameza, intebe, ikaramu y'igiti.



- Tanga urugero ufata igikombe ugishyire ku meza ukoresha indangahantu: **ku.**
Urugero: igikombe kiri ku meza
- Baza abana uti: igikombe kiri he? Tanga umwanya abana basubize
- Saba abana gushyira ibintu ku meza, ku ntebe n'ahandi.
- Koresha uyu mwitozo abana bose.
- Baza abana ibintu biri ku meza no ku ndebe.

Gukoresha indangahantu: Munsi



- Tanga urugero ufata igikombe ugishyire munsi y'ameza ukoresha ijambo **munsi.**
Urugero: igikombe kiri munsi y'ameza
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Baza abana uti: akajerekani kari he? Tanga umwanya abana basubize
- Saba abana gushyira ibintu munsi y'ameza, munsi y'intebe bakoresheje ijambo **munsi.**
- Koresha uyu mwitozo abana bose.
- Baza abana ibintu biri munsi y'ameza no munsi y'intebe.
- Soza umwitozo ushimira abana uvuga uti: Murabikoze ni byiza!

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina umukino wo kwigana uko inyamaswa zigenda (Ku wa Mbere)

- Kora nkuko wakoze mu cyumweru cya mbere mu mukino wo kwigana amatungo. Ingero z'inyamaswa bazigana: gusimbuka nk'igikeri, kugenda nk'imbata.
- **Ikitonderwa:** Niba kwigana amajwi y'inyamaswa bigoye reka abana bigane gusa uko zigenda.

Gukina umukino wo koga nk' ifi (ku wa Kabiri)

- Shyira abana ku murongo
- Babwire ko mugiyeye gukina umukino wo koga nk'ifi.

- Jya imbere yabo ubereke urugero: shyira amaboko imbere, ugende uyasubiza inyuma werekeza ibiganza iburyo n'ibumoso, ubigarura imbere maze wigane ifi iri koga.
- Saba abana kukwigana
- Tanga ubufasha ku bana bafite ingorane mu kwigana ifi irimo koga.
- Koresha abana uyu mwitoto inshuro nyinshi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza iyu mukino ushimira abana bese uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Gukina imikino abana bihitiyemo (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu bya komeretsa abana bihari.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo, ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina kandi ukinane na bo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bese gukina.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Umwitoto: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi: Shema yagiye gusura parike

Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru. Ubafashe gukurikiranya inkuru ntibacurikiranye ibitekerezo. Buri gihe mwibuke gushimira umwana uvuze.

Gusakuza

- Tegura mbere ibisakuzo uri busakuze abana
- Fatanya n'abana gusakuza, igihe bibagoye ubafashe kubisubiza.

Igisakuzo cya mbere:

A. Sakwe sakwe!

B: Soma

A: Igisakuzo: Mutamu irabyina mu gatabire.

B: Igisubizo: Imbwa mu masinde.

Igisakuzo cya kabiri:

A: Sakwe sakwe!

B: Soma

A: Igisakuzo: Amazi yacu arusha ay'ahandi kuryoha.

B: Igisubizo: Amata

- Shimira abana ko bagerageje gutahura ibisubizo by'ibisakuzo.

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' iy' imikino yigana (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze duhange (mu njyana ya habayeho akanuma.

Gushushanya ifi (Kuva ku wambere kugeza ku wa Gatanu)

Ikitonderwa: Kora nk'uko wakoze ushushanya inkoko.

11:50 -12:00: Gusezeranaho




Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane.*

UKWEZI KWA KARINDWI

Insanganyamatsiko: Ibimera n'ubutaka





Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa Karindwi k'umwaka wa gahunda mbonezamikurire y'abana bato, bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Ibimera n'ubutaka"** kugira ngo umwana muto ashobore gutandukanya ibimera biboneka aho atuye ndetse n'akamaro kabyo. Ni umwanya mwiza utuma umwana ashobora gutahura isano iri hagati y'ibimera n'ubutaka n'akamaro k'ubutaka.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza no kuvuga ibimera biboneka iwacu (Ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana ibimera biboneka iwacu ubasabe kuyitegereza.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona ibyatsi, ndabona indabo.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubabwira uti: Aya mashyi ni ayanyu.
- Bwira abana ibimera biboneka iwacu wateguye kubigisha: imyumbati, amasaka, ibigori, ibishyimbo, insina, ibirayi, ibijumba, amateke, imboga, imbuto n'ibyatsi, ibiti.
- Fasha abana kumenya neza ibyo bimera ubasubirishamo kenshi.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye ibimera biboneka iwacu
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Bwira abana ko hari ibimera byatera impanuka nk'ibibabana, ibifite amata n'ibifite amahwa kandi ko bagomba kubwirinda cyane
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.
- **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibibazo bikurikira:**

- 1) Ni ibihe bimera biboneka aho dutuye? (**Ibisubizo: imyumbati, amasaka, ibigori, ibishyimbo, insina, ibirayi, ibijumba, amateke, imboga, imbuto n'ibyatsi, ibiti**).
- 2) Ni ibihe bimera byabatera impanuka? (**ibibabana, ibifite amahwa n'ibifite amata**).

Kwitegereza akarima k'igikoni (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

- Jyana abana ahantu hari akarima k'igikoni
- Basabe kwitegereza ibihingwa birimo
- Saba buri mwana avuge igihingwa abona muri ako karima asanzwe azi
- Babwire amazina y'ibihingwa bayobewe.
- Saba abana kukubwira ibiribwa baraye bariye cyangwa baje bariye bisa n'ibyo babona muri ako karima k'igikoni
- **Ikitonderwa:** Niba nta karima k'igikoni gahari mwakwitegereza ibihingwa biri mu murima usanzwe.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo: Umurima wanjye (Ukwezi kose, igihe cyose kuri iyi saha)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwutoza abana:

Umuvugo: Umurima wanjye

<i>Mu murima wanjye</i>	<i>Mbyuhira buri gitondo</i>
<i>Harimo imboga nyinshi</i>	<i>Mbibagara kenshi</i>
<i>Harimo imbuto nyinshi</i>	<i>Ngo bikure neza</i>
<i>Nabiteranye ifumbire nyinshi</i>	<i>Tuzabone ibidutunga</i>

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze, mama shenge weee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:

- Saba buri mwana kujya imbere avuge umuvugo "Umurima **wanjye**" adacurikiranya amagambo!

Gutahura ijwi “M” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti M: AMATA, MAMA UMUNANI, MUTESI, MARIZA, AMEZA**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry’inyuguti M**
- Saba abana gutanga andi magambo n’amazina bazi yumvikanamo ijwi **M**: Urugero: AMAKOMA, AMAKARA,

Kubaka inyuguti nkuru M bakoresheje utubuye cyangwa uduti (Ku wa Kabiri)

- Tegura utubuye n’uduti abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka inyuguti nkuru M.
- Tanga urugero wubake inyuguti M ukoresheje utubuye cyangwa uduti.



- Fatanya n’abana kubaka inyuguti M ukoresheje utubuye, uduti.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka inyuguti nkuru M
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Kubumba cyangwa kubaka inyuguti nkuru M (Ku wa Gatatu)

- Tegura ibumba abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kubumba inyuguti nkuru **M**
- Tanga urugero ubumbe inyuguti **M** ukoresheje ibumba.



- Fatanya n’abana kubumba inyuguti nkuru **M**.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko buri mwana abumba inyuguti nkuru **M**,
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Icyitonderwa: Niba nta bumba riboneka aho mutuye abana bazakomeza imyitozo yo kubaka bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y’amacupa

Kwandika inyuguti nkuru M mu tudomo: abana b’imyaka 5(Ku wa Kane)



Kwandika inyuguti nkuru M ukoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Saba abana gufata ikaramu y'igiti no kwandika inyuguti nkuru M mu makayi yabo.
- Genzura ko buri mwana akora imyitozo yo ku nyuguti nkuru ya M akurikije urugero yahawe, abafite ingorane ubafashe ubasubirishamo imyitozo kenshi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba umwana kuvuga amazina y'ibintu babona aho batuye arimo inyuguti M: **AMASAKA, AMAVUTA, IMINEKE.**
- Saba umwana kuvuga imirongo igize inyuguti ya M nkuru? Inyuguti ya M igizwe **n'imirongo ibiri ihagaze n'imirongo ibiri iberamiye: umwe uberamiye ibumoso, undi uberamiye iburyo.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru J

Icyitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika inyuguti nkuru M, abandi bazakomeza imyitozo yo kuyubaka.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.




Gukina umukino wa Dayise (Ku wa mbere no ku wa Kabiri)



- Tegura ibishyimbo n' agakarito gato gashushanyijeho ibidomo impande zose (Ku ruhande rumwe ikidomo kimwe, ku rundi ruhande ibidomo 2, ku rundi ruhande ibidomo 3, ku rundi ruhande ibidomo 4.
- Icaza abana ku gice cy' uruziga.
Shyira ibyo bishyimbo hagati yabo aho buri mwana abireba
- Tanga urugero ufate agakarito ukanage hejuru nikagwa hasi ubare ibidomo biri ku ruhande rwo hejuru, nurangiza ubare ibishyimbo bihwaye n'ibyo ibidomo.
Urugero: niba ubaze ibidomo 4, urabara n'ibishyimbo 4.
- Reka abana bakine uyu mukino.
- Tanga ubufasha ku bana babukeneye.

Kwandika umubare 4 mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu no ku wa Kane)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 4 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 4 banyujije ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 4 bakoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa gatanu)

Umubare



- Andika umubare 4 inshuro nyinshi aho abana bareba.
- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika umubare 4
- Saba abana bandike umubare 4 mu makaye yabo

Icyitonderwa: mu gihe abana b'imyaka 5 bazaba bari kwandika umubare 4, abandi bazakomeza imyitozo yo kuwubaka no kuwubumba.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Umukino wo kunaga imipira mu ndobo cyangwa mubindi bintu byanditseho imibare (Ku wa Mbere)



- Tegura indobo cyangwa ibindi bintu, womekeho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4.
- Zishyire ku murongo
- Ha umwana umupira umusabe kuwunaga muri imwe mu ndobo ziriho imibare. Narangiza kuwunagamo, umubaze umubare wometse ku ndobo cyangwa ku kindi kintu awuzanemo.

Urugero: Mu ikarito nazemo umupira handiteho umubare 4

- Reka abana bose banage umupira mu ndobo kandi bavuge umubare wometse ku ndobo banazemo umupira.
- Soza uyu mukino ushimira abana bose.

Umukino wo gukora isuku (Ku wa Kabiri)

- Tegura ibikoresheho uri bwifashishe: agafuka karimo ubusa, ibibabi byumye cyangwa uduce tw'udupapuro.
- Nyanyagiza ibibabi byumye cyangwa uduce tw'udupapuro hanze mu mbuga.
- Ereka abana ahantu hanyanyagitse ibibabi byumye cyangwa uduce tw'udupapuro.
- Baza abana uti hano hantu harasa gute? **Imbuga yacu irimo imyanda.**
- Bwira abana ko mugiyeye gusukura imbuga mutoragura ibibabi byumye cyangwa uduce tw'udupapuro.
- Ereka abana ka gafuka karimo ubusa ugatereke ahagenewe kujugunya imyanda.
- Bwira abana ko imyanda ijugunywa ahabugenewe.
- Fatanya n'abana gutoragura ibibabi byumye cyangwa uduce tw'udupapuro mubijugunya muri wa mufuka ahagenewe kujugunya imyanda.
- Koresha abana bose uyu mwitozo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Baza abana uti: imbuga yacu irasa ite? **Imbuga yacu irasukuye**
- Bwira abana ko imbuga yacu igomba guhora isukuye kandi ko igihe babonye imyanda mu mbuga bagomba kuyikuraho bakayishyira ahagenewe gushyira ibishingwe cyangwa imyanda.
- Ibutsa abana ko igihe bari iwabo bagomba kujya basukura mu nzu, imbuga y'iwabo batoragura ibipapuro, ibirere n'ibindi.
- Soza uyu mwitozo ushimira abana ko bakoze isuku mukoma amashyi.

Gukina imikino abana bihitanyemo (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

Kurikiza inama zo mu mezi ya mbere.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze




Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)


Indirimbo: Nkunda gusoma

Gusoma inkuru: Teta yibutse ibyo yize

- Itegure, ubanze usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi.
- Bwira abana umutwe w'inkuru.
- Somera abana inkuru ku nshuro ya mbere witonze, wifashishije amashusho n'inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Inkuru: Teta yibutse ibyo yize





Umunsi umwe Teta yavuye kwiga, ageze mu rugo se amubaza ibyo yize. Teta aramubwira ati: Twize ibice bigize ikimera. Se ati: “Ngaho bimbwire Teta”. Teta ati: “Ibice by’ ikimera ni imizi, uruti, amashami, amababi, indabyo, imbuto”. Se arishima abwira Teta ati: “Uri umuhanga cyane.” Teta arongerera abaza se ati: “None se ko batubwiye ko ibimera bikenera imvura n’izuba kugira ngo bikure neza, ni byo koko.” Se aramusubiza ati: “Ni byo rwose, ibimera bikenera ibintu byinshi kugira ngo bikure neza. Bikenera imvura, izuba, ifumbire, kubibagara ndetse no kubisukira.” Teta yishimira ibisubizo se amuhaye aramubwira ati: “Urakoze papa, ninkura nziga amasomo ajyanye no kwita ku bimera.”

Somera abana inkuru ku nshuro ya kabiri

Baza ibibazo bikurikira:

- 1) Inkuru yitwa ngo iki? (**Igisubizo: Teta yibutse ibyo yize**)
- 2) Teta ageze mu rugo ise yamubajije iki? (**Igisubizo: Ibyo yize**)
- 3) Teta yamubwiye ko bize iki? (**Igisubizo: ibice bigize ikimera**)
- 4) **Genzura ko icyumweru gishize abana bose bashobora gusubiza ibi bibazo.**

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni. (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine*

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' inguni yimikino yigana (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu mezi yashize.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo: Igiti cy'amacunga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Itegere, ubanze kwitoza kuririmba neza indirimbo: igiti cy'amacunga kugeza bayifashe mu mutwe.

Indirimbo: Igiti cy'amacunga (mu nyana ya: Nagiye I Zaza nitemberera)

1.Natembereye mu busitani,	2.Sinabonye imizi yacyo	2.Uburyohe bw'ayo
Mbonayo igiti cy'amacunga.	kuko yari mu butaka.	macunga
Nitegereza amashami yacyo,	Umuyaga warahushye,	Butandukanye
Mbona hariho imbuto	Hagwa amababi	n'ubw'indimu
nyinshi.	n'amacunga.	Amacunga araryohera
		cyane
		Wabibwirwa n'uwayariye.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko abana bagenda bafata mu mutwe indirimbo, kandi bayirimbana amarangamutima.

Gushushanya indabo (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya indabo.
- Genzura ko buri mwana ari gushushanya indabo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

Kubumba igiti (Ku wa Kane no ku wa 5)

- Tegura ibumba abana bose bari bukoreshye.
- Saba abana babumbe igiti
- Reka abana babumbe uko babyumva
- Genzura ko abana bose babumba.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo gushushanya.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe yose kuri iyi saha)

Umurezi wacu turamukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza ikimera no kuvuga ibice bikigize (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kabiri)

- Bwira abana ko mugiyeye kwiga ibice by'ikimera.
- Sohora abana hanze mujye kwitegereza ibimera bitandukanye.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ibice bigize ikimera.
- Urugero rw'ibisubizo by'abana: ndabona amashami, ndabona amababi.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubabwira uti: Aya mashyi ni ayanyu
- Randura kimwe mu bimera byimejeje maze ugende wereka abana buri gice.
- Genda ubasubirishamo kenshi kugira ngo babifate neza.
- Bwira abana basubire mu ishuri.
- Ereka abana mu gitabo ishusho igaragaza ibice byose by'ikimera ubasabe kuyitegereza.
- Kora kuri buri gice ugende ubasubirishamo kenshi uvuga uti: imizi, uruti, amashami, amababi, indabyo, imbuto.
- Bwira abana ko imizi iba mu butaka.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye neza ibice by'ikimera.
- Saba abana gukora kuri buri gice cy'ikimera kigaragara ku ishusho iri mu gitabo bavuga izina ryacyo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza isomo ushimira abana bose. Vuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Kwitegereza no kuvuga akamaro k'ibimera (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Kane)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana akamaro k'ibimera ubasabe kuyitegereza.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: ndabona igisenge cy'inzu kiriho ibiti, ndabona imboga.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.

- Bwira abana uti: Ibimera bidufitiye akamaro kanini: Bimwe bivamo imiti, ibindi biraribwa, ibindi bivamo inkwi n'amakara, ibindi bivamo intebe, ameza, bakanabyubakisha, ibindi barabitegura ngo ahantu hase neza (Indabo).
- Fasha abana kumenya neza akamaro k'ibimera.
- Bwira abana ko batagomba kwangiza ibimera babirandura.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye neza akamaro k'ibimera.
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibibazo bikurikira:

- Ni ibihe bice bigize ikimera? **Ibisubizo: imizi, uruti, amashami, amababi, indabyo, imbuto).**
- Ibimera bitumariye iki? **(Ibisubizo: biraribwa, bivamo imiti, barabyubakisha, babikoramo intebe n'ameza, bivamo inkwi n'amakara, barabitegura: indabo).**
- Ni ikihe gice cy'ikimera kiba mu butaka? **Igisubizo: imizi).**
- Kubera iki tutagomba kwangiza ibimera? **(Ni uko bidufitiye akamaro).**

Gufata neza ibihingwa: kwirinda kwangiza indabo (Ku wa Gatanu)

- Tegura ikiganiro uri bugirane n'abana.
- Bwira abana ko indabo zidufitiye akamaro.
- Bwira abana ko bagomba kwirinda kwangiza indabo aho bazibona hose
- Babwire ko indabo bazitegura kandi n'aho ziteye haba hasa neza.
- Bwira abana ko tugomba gufata indabo neza tuzuhira, tunazibagarira.
- Baza abana ibibazo ku kiganiro ubahaye

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubabaza ibibazo bikurikira:

1. Ni akahe kamaro k'indabo? **(Igisubizo: barazitegura)**
 2. Ni gute tugomba gufata neza indabo? **(Igisubizo: Tugomba kuzuhira no kuzibagarira)**
- Noza ibisubizo abana batanze maze ubashimire ubakomera amashyi.



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo: Umurima wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)


- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Umurima wanjye.**
- Reba umuvugo wo mu cyumweru cya Mbere

Gutahura ijwi "N" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti N: AMANO, MINANI, ANA, INANASI, ABANA, INUMA**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti N.**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **N**: Urugero: **NIRERE, UMUNEKE**

Kubaka inyuguti nkuru N ukoresheje utubuye cyangwa uduti (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kubumba inyuguti N (Ku wa Gatatu)



- Kurikiza inama zatanze mu kubaka no kubumba inyuguti nkuru M.



Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru N bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y'amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru N mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kane)


- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kwandika inyuguti nkuru N ukoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba umwana kuvuga amazina y'ibintu babona aho batuye birimo inyuguti N: **INANASI, IBININI.**
- Saba abana kuvuga imirongo igize inyuguti nkuru N: Inyuguti nkuru N igizwe **n'imirongo itatu: Imirongo ibiri ihagaze n'umurongo uberamiye iburyo uri hagati yayo.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru N.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gukoresha imvugo ijyanye n'igihe: ejo hashize, none, ejo hazaza

Gusobanukirwa n'imvugo zijyanye n'igihe: ejo hashize, none, ejo hazaza hifashishijwe ibibazo (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa kabiri)

- Fasha abana gusobanukirwa n'imvugo zijyanye n'igihe wifashishije ibibazo.
- Baza abana ibi bibazo:
 - ✓ Ejo hashize ni nde wambwira icyo yakoze ageze mu rugo?
 - ✓ None turi ku wa kangahe?
 - ✓ Ni bande ejo bazazinduka?
- Ha umwanya abana batange ibisubizo maze ubafashe kunoza ibisubizo batanze.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bose ubakomera amashyi.

Kubara inkuru irimo imvugo zijyanye n'igihe: ejo hashize, none, ejo hashize (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa 5)

Inkuru: Teta mu irerero

- Itegure, ubanze usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana.
- Saba kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana umutwe w'inkuru

Somera abana inkuru ku nshuro ya mbere witonze

Umunsi umwe Teta yaje mu irerero atishimye, maze yegera umurezi aramubwira ati: **Ejo hashize** navuye kwiga nsanga mama yabyaye. Ubu mfite karumuna kanjye. **Uyu munsi** naje kwiga ntabishaka kuko nashakaga kwikinira nako. Umurezi aramubwira ati: Teta ni byiza ko wabonye karumuna kawe ariko no kwiga bifite akamaro. Teta abaza umurezi ati: Ubwo se nzakina na karumuna kanjye ryari? Umurezi aramusubiza ati: **None** ni ku wa gatanu, **ejo** ni ku wa gatandatu ntabwo muziga. Uzirirwa ureba karumuna kawe, ariko muzatangira gukina yarabaye umwana mukuru. Nuko Teta asimbukira hejuru ati: **Ejo** nzirirwa ndeba karumuna kanjye nkunda!

Somera abana inkuru ku nshuro ya kabiri

Baza ibibazo bikurikira:

- Igihe Teta yegeraga umurezi yamubwiye ngo iki? Igisubizo: (**Ejo hashize mvuye kwiga nasanze mama yabyaye**).
- Igihe Teta yabaza umurezi igihe azakinira na karumuna ke, umurezi yamusubije ngo iki? (Igisubizo: **Yaramusubije ati: None ni ku wa Gatanu, ejo azaba ari ku wa Gatandatu ntabwo muziga. Uzirirwa ureba karumuna kawe**).

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru umubaza ibi bibazo:

1. Ejo hashize wakoze iki ugeze mu rugo?
2. Uyu munsi ni uwuhe mukino twakinnye wagushimishije?
3. Ejo ni nde uzagera mu irerero mbere.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda*

Umukino wo gutahura inyuguti N (ku wa Mbere)

- Jyana abana hanze ahantu hisanzuye;
- Shushanya imirongo ibiri itambitse hagati yayo hari intera iri hagati ya metero 3 cyangwa 5
- Saba abana kuvuga amatungo afite amazina arimo inyuguti 'N'. Banza utange urugero: 'inuma'.
- Saba abana gutanga izindi ngero: "ihene".
- Basubirishemo ayo mazina inshuro nyinshi.

- Basabe bahagarare inyuma y'umurongo umwe.
- Basobanurire amabwiriza bagomba gukurikiza bakina. Vuga uti: nimvuga izina ririmo 'N' muhite mwiruka muhagarare kuri uriya murongo (umurongo wa Kabiri). Mu gihe mutumvisemo iryo jwi, mukomeze muhagarare. Babwire ko utubahiriza amabwiriza ava ku murongo agahagarara ku ruhande.
- Tangira uvuge amazina y'amatungo arimo inyuguti N uyavangavanga n'amazina y'ibindi bintu atarimo inyuguti N. Ingero: "Ihene, igiti, inuma, amazi, ikayi..."
- Soza umukino ushimira abana bose.

Umukino wo guhuza ishusho n'iyi biasa (Ku wa kabiri)



- Saba abana guhuza ishusho n'indi bisa
- Tanga urugero abana bakurebereho
- Ha umwanya buri mwana akine
- Tanga ubufasha ku bo byagoye

Gukina imikino abana bihitiyemo (kuva ku wa gatatu kugeza ku wa gatanu)

- Reba urugero rwo mu mezi yashize.

Icyitonderwa: Ibikinisho abana bifashisha mu mikino yo hanze birebere mu mezi yashize.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo

Ongera usomere abana inkuru ya **Teta yibutse ibyo yize**

Baza ibibazo bikurikira, usabe abana basubize umwe umwe ku buryo icyumweru kizashira abana bose bashobora gusubiza neza ibi bibazo.

1. Se wa Teta amubajije kuvuga ibice bigize ikimera Teta yavuze ibihe? **(Igisubizo: imizi, uruti, amashami, amababi, indabyo, imbuto).**

2. Ni ayahe masomo Teta yifuza kuziga nakura? (**Igisubizo: amasomo ajyanye no kwita ku bimera**).

Genzura ko icyumweru gishize abana bose bashobora gusubiza ibi bibazo.

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine.

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' iyi mikino yigana (Ukwezi kwa 7 kose kuri iyi saha)

Kora nkuko wabikoze mu mezi yashize

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: **Nimuze duhange**

Kuririmba indirimbo: Igiti cy'amacunga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Igiti cy'amacunga

Reba indirimbo mu cyumweru cya Mbere

Gushushanya igiti kiriho amashami, amababi, indabo n'imbuta (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu)

- Kora nkuko wakoze ushushanya indabo.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umurezi wacu turamukunda cyane

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza ubutaka no kuvuga akamaro kabwo

- Tegura ubutaka bw'ibumba niba waribona, ubutaka buhingwa n'ubw'umucanga.
- Bwira abana kwitegereza ubwo butaka.
- Reka abana bakore mu mucanga, mu butaka buhingwa no mu ibumba ugenzure ko batiyanduza.
- Saba abana kuvuga ubwo butaka ubwo ari bwo.
- Urugero: umucanga, ibitaka.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Bwira abana ko ubutaka butandukanye: hari ubutaka bw'umucanga, ubutaka bw'ibumba n'ubutaka buhingwa.

- Genda ukora kuri buri bwoko bw'ubutaka, uvuge uko bwitwa maze abana basubiremo.
- Babwire ko umucanga bawubakisha, ubutaka babuhingamo naho ibumba baribumbamo ibikoresho bitandukanye.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye amoko y'ubutaka.
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibibazo bikurikira:

- Ni nde wambwira amoko y' ubutaka twize? (**Ibisubizo: umucanga, ubutaka buhingwa, ibumba**).
- Ni ubuhe butaka bakoresha bubaka? (**Igisubizo: umucanga**).
- Ni ubuhe butaka babumbamo ibikoresho bitandukanye?
- (**Igisubizo: ibumba**).

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)
Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo: Umurima wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Umurima wanjye**.
- Reba umuvugo wo mu cyumweru cya Mbere

Gutahura ijwi "O" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti O: OMO, ODETA, ODIRA, OBEDI, ORORA**.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti O**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **O: Urugero: ORIVA, OMARI**,

Kubaka inyuguti nkuru O bakoresheje utubuye (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kubumba inyuguti nkuru O (Ku wa Gatatu)

- Kurikiza inama zatanze mu kubumba inyuguti nkuru M.



Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru O bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y'amacupa

Kwandika inyuguti nkuru O mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kane)


- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kwandika inyuguti nkuru O ukoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Genzura ko buri mwana abasha gukora imyitozo yo ku nyuguti ya O, abafite ingorane ubafashe ubasubirishamo imyitozo kenshi.
- Saba umwana kuvuga amazina y'abantu azi bafite amazina arimo inyuguti O: **OLIVA, ODETA, OMARI.**
- Tegura udukarita tw'inyuguti zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru O.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Gutondeka ibintu 3 uhareye ku kintu cyoroshye

- Tegura ibintu birutana mu buremere: Igitabo, ikayi, ikaramu y'igiti.
- Tanga urugero utondeke ibintu 3 uhareye ku cyoroshye cyane.
- Banza ikaramu y'igiti, ukurukizeho ikayi, ukurikizeho igitabo.



- Bwira abana ko watondetse uhareye ku cyoroshye, ugakurikizaho ikiremereye ugaheruka ikiremereye cyane.
- Fatanya n'abana gutondeka ibintu 3 uhareye ku cyoroshye.
- Saba abana bese gukora umwitozo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: Aya mashyi ni ayanyu.

Gutondeka uhareye ku kintu kiremereye cyane

- Tegura ibintu birutana mu buremere: Igitabo, ikayi ikaramu y'igiti.
- Tanga urugero utondeke ibintu 3 uhareye ku kiremereye cyane.
- Banza igitabo, ukurukizeho ikayi, ukurikizeho ikaramu y'igiti.



- Bwira abana ko watondetse uhareye ku kiremereye cyane ugakurikizaho ikiremereye ugaheruka icyoroshye.
- Fatanya n'abana gutondeka ibintu 3 uhareye ku kiremereye cyane.
- Saba abana bese gukora umwitozo.
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: Murakoze ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Koresha imyitozo ijyanye no kugereranya ibintu 3 birutana mu buremere ugenzure niba abana barabimenye.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.

Gukina imikino abana bihitanyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kora nkuko wabikoze mu mezi yashize.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/Gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Umwitoto ufatiye ku nkuru (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Ongerera usomere abana inkuru yitwa **Teta yibutse ibyo yize.**
- Saba buri mwana atekereze uko ajya abigenza iyo ababyeyi bamubajije ibyo yize.
Wowe iyo ababyeyi bakubajije ibyo wize ubasubiza ngo iki?

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine.*

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n'iy'imikino yigana (Ukwezi kose kuri iyi saha)

Bikore nk'uko wabikoze mu mezi yashize.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga

Indirimbo: *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo: Igiti cy'amacunga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Igiti cy'amacunga*

Reba indirimbo mu cyumweru cya Mbere

Kubumba avoka, icunga (Kuva ku wa Kane kugeza ku wa Gatanu)

- Kora nkuko wakoze ubumba inyuguti nkuru M
- Niba nta bumba riboneka aho mutuye ha abana amakaramu y'igiti n'amakaye bashushanye.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umurezi wacu turamukunda cyane.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Igikorwa cya mbere: Kuvuga ibyo ibimera bikenera kugira ngo bikure neza (Kuva ku wa mbere kugeza ku wa Gatanu)

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo igaragaza umufuka urimo ifumbire, abantu buhira ibimera, umurima urimo ibihingwa bitandukanye maze ubasabe kubyitegereza.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero: umufuka urimo ifumbire, abantu barimo kuhira.

- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Bwira abana ko ibimera bikenera ubutaka burimo ifumbire, bikenera imvura n'izuba kugira ngo bikure.
- Bwira abana ko ibimera bikenera kubagarwa no gusukirwa kugira ngo bikure neza.
- Bwira abana ko iyo ibimera bitabonye ifumbire, imvura, izuba cyangwa ngo bibagarirwe bidakura neza.
- Fasha abana kumenya neza ibyo ibimera bikenera ngo bikure neza ubibasubirishamo kenshi.
- Baza abana ibibazo ugenzure niba bamenye ibyo ibimera bikenera ngo bikure neza.
- Fasha abana kunoza ibisubizo batanze.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibibazo bikurikira:

1. Ni ibiki ibimera bikenera kugira ngo bikure neza? (**Ibisubizo: ifumbire, imvura, izuba, kubagarwa no gusukirwa**)
2. Iyo ibimera bibuze ibyo bikenera bigenda bite? (**Igisubizo: Ibimera bikura nabi**)

Igikorwa cya kabiri: Gutera imbuto abana bakitegereza uko zikura (Ku wa kane no ku wa gatanu)

Ikitonderwa: Imbuto bazazihinga mu cyumweru cya kane ariko no mu bindi byumweru bazajya bashaka umwanya wo kwita ku mbuto bateye.

- Fatanya n'abana gutegura aho muzatera imbuto (Urugero: ibishyimbo)
- Tegura imbuto zo gutera
- Ha buri mwana imbuto zo gutera.
- Ereka abana uko bacukura utwobo mu butaka.
- Saba buri mwana ashyire imbuto mu kobo yacukuye narangiza ashyireho itaka.
- Bwira abana ko kugira ngo imbuto bateye zikure zikeneye amazi
- Fatanya n'abana kuhira imbuto mumaze gutera
- Bwira abana ko muzakomeza kuhira imbuto mwateye
- Saba buri mwana kukubwira impinduka abona buri muni uko musuye imbuto mwahinze.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)
Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo: Umurima wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Umurima wanjye.**
- Reba umuvugo wo mu cyumweru cya Mbere

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Genzura ko buri mwana yafashe mu mutwe umuvugo: **Umurima wanjye.**

Gutahura ijwi “P” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti P**: IPAPAYI, UMUPIRA, IPERA, IPUSI, UMUPADIRI, POPONI
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry’inyuguti P**
- Saba abana gutanga andi magambo n’amazina bazi yumvikanamo ijwi **P**: Urugero: URUPAPURO, IPATA.

Kubaka inyuguti nkuru P ukoresheje utubuye (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kubumba inyuguti ya P (Ku wa Gatatu)




- Kurikiza inama zatanze mu kubaka no kubumba inyuguti nkuru M.



Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru P bakoresheje utubuye, cyangwa imifuniko y’amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru P mu tudomo: abana b’imyaka 5 (Ku wa Kane)

- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kwandika inyuguti nkuru P ukoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti M



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kukubwira amazina y'ibintu babona aho batuye bifite amazina arimo inyuguti P: **IPAPAYI, UMUPIRA.**
- Tegura udukarita turiho inyuguti zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru P

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kubara umubare 5 wifashishije ibintu bifatika: utubuye (Ku wa Mbere)



- Tegura ibintu biri aho mutuye bakoresha babara ibintu 5, ukore nk'uko wabigenje ku mibare yabanjirije 5


Kubaka umubare 5 bakoresheje utubuye (Ku wa kabiri)

- Tegura utubuye abana bose bari bukoresha.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora umubare 5.



Ukore nk'uko wabigenje ku mibare yabanjirije 5

Kubumba umubare 5 (Ku wa Gatatu)






Kora nk'uko wabikoze mu mezi yashize.

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru 5 bakoresheje utubuye cyangwa imifunuko y'amacupa

Kwandika umubare mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Kane)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 5 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 5 banyujije ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 5 ukoresheje ikaramu y'igiti: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Ereka abana uko bandika umubare 5.
- Andika umubare 5 inshuro nyinshi aho abana bareba.



- Fatanya n'abana kwandika umubare 5.
- Saba abana bose kwandika umubare 5.
- Genzura ko buri mwana yashoboye kwandika umubare 5.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Bwira buri mwana akubarire intoki 5 cyangwa ibindi bintu biri hafi yanyu.

Ikitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika umubare 5 abandi bazakomeza kuwubaka no kuwubumba

9:20 -9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye

Ibikorwa bijyanye n' isuku no kwiyaaho (Igihe cyose bitagobye iyi saha

- Kumeza gufasha abana mubikorwa bijyanye n' isuku no kwiyaaho nk' uko wabibonye mu mezi yashize

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga imikino yo hanze: (Igihe cyose kuri iyi saha.)

Indirimbo "Iyo tugenda kuri gahunda"

Gukina imikino abana bihitanyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Genzura niba imbuga itunganyeye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana bihari
- Reka abana bakine imikino bihitanyemo, ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina kandi ukinane na bo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bese gukina.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Umwitoto: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi:

Teta yibutse ibyo yize

- Ongera usomere abana inkuru.
- Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru.

Gusakuza

- Tegura mbere ibisakuzo uri busakuze abana
- Fatanya n'abana gusakuza, igihe bibagoye ubafashe kubisubiza.

Urugero rwa mbere:

A: Sakwe sakwe!

B: Soma

A: **Ngeze mu rutoki abasirikare baramfata?** (Igisakuzo)

B: **Ibishokoro (Igisubizo)**

Urugero rwa 2

A: Sakwe sakwe!

B: Soma

A: **Hakurya urwererane, hakuno urwererane.** (Igisakuzo)

B: **Ururabo rw'amashaza. (igisubizo)**

- Shimira abana ko bagerageje gutahura ibisubizo by'ibisakuzo.

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze dukine.*

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n'iy'inguni y'imikino yigana (ukwezi kose kuri iyi saha).

Bikore nk'uko wabikoze mu mezi yashize.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya duhange

Indirimbo: **Nimuze duhange**

Kuririmba indirimbo: Igiti cy'amacunga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: **Igiti cy'amacunga**

Reba indirimbo mu cyumweru cya Mbere.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Saba buri mwana kuririmba indirimbo yose agaragaza amarangamutima.

Kubumba ibikoresho byifashisha mu buhinzi: isuka, arozwari, igitebo (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu)

- Kora nkuko wakoze ubumba amagi y' inkoko
- Niba nta bumba riboneka aho mutuye ha abana amakaramu y'igiti n'amakaye bashushanye.

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazashushanya ibyo bikoresho.

11:50 -12:00: Gusezeranaho




Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umurezi wacu turamukunda cyane.

UKWEZI KWA MUNANI

Insanganyamatsiko: Ibigo n'imirimo ikorerwa aho dutuye





Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa munani k'umwaka wa gahunda mbonezamikurire y'abana bato, bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Ibigo n'imirimo ikorerwa aho dutuye"** kugira ngo umwana muto amenye ibigo biherereye aho atuye. **Urugero:** Amashuri, amavuriro, isoko n'imirimo ikorerwa aho atuye.

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kuvuga abantu n'ibikoresho dusanga aho dusengera

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana urusengero usabe abana kuyitegereza.
- Mu gihe abana bitegereza basabe kuvuga ibyo babona ku ishusho.
- Urugero rw'ibisubizo by'abana: ndabona urusengero, ndabona abantu bagiye gusenga.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire uvuga uti: Murabikoze ni byiza!
- Bwira abana abantu n'ibikoresho dusanga aho dusengera.
- Vuga uti: Abantu dusanga aho dusengera ni padiri, shehe, pasitori, abaririmbyi, abahereza, abadiyakoni.
- Vuga uti: Aho dusengera tuhasanga: Bibiliya, Korowani, ibitabo by'indirimbo, ibikoresho bya muzika: ingoma, gitari.
- Fasha abana kumenya abantu n'ibikoresho dusanga aho dusengera ubibasubirishamo kenshi.
- Baza buri mwana akubwire ibintu n'abantu asanga aho asengera.
- Bwira abana ko abantu basengera ahantu hatandukanye no ku minsi itandukanye: bamwe basenga ku wa gatanu, abandi basenga ku isabato, abandi basenga ku cyumweru.
- Bwira abana ko bagomba kubahira buri wese imyemerere ye.
- Soza isomo ushimira abana bose uvuga uti: Aya mashyi ni ayanyu.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibisubizo bikurikira:

1. Ni bande musanga aho musengera? **Igisubizo: padiri, shehe, pasitori, abaririmbyi, abahereza, abadiyakoni.**
2. Ni ibihe bikoresho mubona aho musengera? **Igisubizo: Bibiliya, Korowani, ibitabo by'indirimbo, ibikoresho bya muzika: ingoma, gitari.**
3. Ese iyo mu gihe mu rusengero muba mugiyeye gukora iki?
4. **Igisubizo: gusenga Imana, kuririmbira Imana.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo (Ukwezi kose kuri iyi saha)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwutoza abana

Umuvugo: Nzakora neza umurimo wanjye

Nzaba umuhinzi mwiza mpinge ibitunga abantu.

Nzaba umworozi mwiza norore amatungo menshi.

Nzaba umwarimu mwiza nigishe neza abanyeshuri.

Nzaba umuganga mwiza mvure neza abarwayi.

Nzaba umwubatsi mwiza nubake amazu akomeye.

Nzaba umudozi mwiza udodera neza abamugana.

Nzaba umucuruzi mwiza nakire neza abakiriya.

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:

- Saba buri mwana kuvuga uyu muvugo agaragaza amarangamutima.

Gutahura ijwi “R” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari inyuguti **R**: URURO, URURIMI, MAREBE, IKIRAHURI, UBURO, KARAKE.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? Ni ijwi ry’inyuguti **R**
- Saba abana gutanga andi magambo n’amazina bazi yumvikanamo ijwi **R**: IKIRERE, IKIRARO

Icyitonderwa: nyuma gutahura inyuguti R, abana bazahita bakurikizaho kuyubaka no kuyibumba. Byose bizakorwa ku munsu umwe.

Kubaka inyuguti nkuru R (Ku wa Kabiri)

- Tegura utubuye n’ abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka inyuguti nkuru R.
- Tanga urugero wubake inyuguti nkuru R ukoresheje utubuye cyangwa uduzi.



- Fatanya n’abana kubaka inyuguti R ukoresheje utubuye cyangwa uduzi.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora inyuguti nkuru R.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze, mama shenge weee!

Kubumba inyuguti nkuru R (Ku wa Kabiri)

- Tegura ibumba abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye kubumba inyuguti nkuru **R**
- Tanga urugero ubumbe inyuguti nkuru **R** ukoresheje ibumba.





- Fatanya n’abana kubumba inyuguti nkuru R.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko buri mwana abumba inyuguti nkuru R.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru R bakoresheje utubuye cyangwa imifuniko y’amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru R mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye inyuguti nkuru R mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika inyuguti nkuru R banyujije ikaramu y'igiti muri twa tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufasha ku bana babukeneye.

Icyitonderwa: nyuma yo kwandika inyuguti nkuru R mu tudomo, abana bazahita bakurikizaho kuyandika.

Kwandika inyuguti nkuru R: abana b'imyaka 5

- Saba abana gufata amakaramu y'igiti.
- Erekerabana uko bandika inyuguti R



- Fatanya n'abana kwandika inyuguti nkuru R mukoresheje ikaramu y'igiti.
- Saba abana kwandika inyuguti nkuru R bakoresheje ikaramu y'igiti.
- Genzura ko buri mwana yashoboye kwandika inyuguti nkuru R.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: Murabikoze, mama shenge weeee!

Icyitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika inyuguti nkuru R, abandi bazakomeza imyitozo yo kuyubaka.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kukubwira amazina y'ibintu babona aho batuye bafite amazina arimo inyuguti rimo inyuguti

R: IKARAMU, IBIRARO.

- Tegura udukarita turiho inyuguti zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru R
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka no kwandika inyuguti R nkuru.

Gutahura ijwi “S” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa kane)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari inyuguti **S**: AMASO, ISUSA, SIBOMANA, SOYA, AGASEKE, AMASAKA, ISASO.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: **Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? Ni ijwi ry’inyuguti S**
- Saba abana gutanga andi magambo n’amazina bazi yumvikanamo ijwi **S**:
- AMASARO, SAFARI, AMASOGISI.

Icyitonderwa: nyuma gutahura inyuguti S, abana bazahita bakurikizaho kuyubaka no kuyibumba. Byose bizakorwa ku munsu umwe.

Kubaka inyuguti nkuru S ukoresheje utubuye n’ibumba

- Kora nkuho wakoze ku nyuguti nkuru R



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: aya mashyi ni ayanyu.

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana baza kora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru S bakoresheje utubuye cyangwa imifuniko y’amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru S mu tudomo: abana b’imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti R.



Kwandika inyuguti nkuru S: abana b’imyaka 5 (Ku wa Gatatu)



- Kora uko wakoze ku nyuguti R
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Icyitonderwa: nyuma yo kwandika inyuguti nkuru S mu tudomo, abana bazahita bakurikizaho kuyandika

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z’ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga amazina y’abantu cyangwa ibintu bazi bifite amazina arimo inyuguti nkuru S: **SUZANA, ISAFURIYA, ISOSI.**
- Tegura amakarita y’inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru S

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kubara ibintu bitandatu (Ku wa Mbere)

- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: utubuye, uduti, ibikombe, ibibabi n'ibindi.
- Saba abana kwitegereza maze ubare ibikombe bitandatu ubishyire ukwabyo.
- Saba abana batandukanye nabo baze babare ibintu bitandatu.
- Saba abana bajye hanze buri wese atoragure amabuye atandatu mato ayazane.

Icyitonderwa: banza ugenzure ko ahantu abana bagiye gutoragura amabuye hari umutekano. Urugero: niba nta bintu bihari byabakomeretsa nk'ibimene by'amacupa, amahwa cyangwa ibindi byabajomba.

- Genzura ko buri wese yazanye amabuye atandatu.
- Tanga ubufasha ku bana bafite ingorane mu kubara ibintu bitandatu.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Shimira abana bose ubaha amashyi.

Kubaka umubare 6 bifashishije ibintu bifatika (Ku wa Kabiri no ku Gatatu)

- Tegura utubuye abana bose bari bukoresha.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka umubare 6.
- Tanga urugero wubake umubare 6 ukoresheje utubuye.




- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo arebera ku rugero.
- Basabe kongera kuwubaka nta kintu bawureberaho.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora umubare 6 kandi batareba aho uwo mubare wanditse.

Kubumba umubare 6 (Ku wa kane)

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakomeza gukora imyitozo yo kubaka umubare bakoresheje utubuye, cyangwa imifuniko y'amacupa.

Kwandika umubare 6 mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 6 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 6 banyujije ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 6 bakoresheje ikaramu y'igiti (Ku wa Gatatu)

- Andika umubare 6 inshuro nyinshi aho abana bareba.
- 6 6 6
- Saba abana bandike umubare 6 mu makaye yabo.
 - Genzura ko abana bose bashoboye kwandika umubare 6.
 - Fasha abafite ingorane zo kwandika umubare 6.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba buri mwana kubara akerekana intoki 6 cyangwa ibindi bintu afite.

Genzura ko abana bashobora kubara umubare 6 no kuwandika badafite aho bawurebera.

Ikitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika umubare 6 abandi bazakomeza kuwubaka no kuwubumba.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

- Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.


Gukina umukino uvuga ku mirimo (Ku wa mbere)

- Bwira abana bajye ku murongo.
- Bwira abana ko nuvuga ngo umurimo abana bitwara nk'abawukora
- Bwira abana uti: umushoferi
- Abana bose bamere nk'abatwaye imodoka bavuga ngo zimu, zimu, zimu
- Bwira abana uti: Umumotari.
- Abana bose bamere nk'abarimo kwatsa moto
- Genzura ko buri mwana wese arimo gukora ibyo uvuze.
- Soza umwitozo ushimira abana bose ubaha uturabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko buri mwana ashobora gukina umukino ujyanye no kumenya imirimo n'abayikora yerekana ibimenyetso bijyanye na buri murimo.

Umukino wo kwiruka ugana ku ikarita iriho inyuguti bavuze (Ku wa Kabiri)




- Tegura amakarito ane womekeho inyuguti: R, S, T, U
- Shyira abana ku murongo.
- Bwira abana ko nuvuga inyuguti bazajya biruka bagana aho iri.
Urugero: Vuga uti “mwiruke mujye kuri “S!”
- Tanga ubufasha ku bana biruka bagana ku nyuguti utavuze

Umukino wo gutera umupira ukavuga imibare iri ku macupa aguye (Ku wa Gatatu)



- Egeranya amacupa 6 arimo ubusa.
- Yomekeho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6.
- Tondeka ayo amacupa ku murongo
- Ha umwana agapira, umusabe kugatera kuri ayo macupa.
- Saba umwana kuvuga imibare iri ku macupa aguye.
- Shishikariza abana bese gukina.
- Hindura usabe abana gutera agapira ku mubare bashaka.
- Ibuka guha ubufasha abana bafite ubumuga cyangwa ibyo bagenerwa byihariye.
- Soza umukino ushimira abana bese.

Umukino wo gusimbuka imibare (Ku wa Kane)



- Shushanya mpandenye hasi, uyigabanyemo ibice 6.
- Muri ibyo bice andikamo imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6.
- Bwira abana ko bagiye gusimbukira mu kazu kanditsemo umubare uvuze.
- Vuga umubare usabe umwana umwe gusimbuka akagwa mu kazu kanditsemo uwo mubare.
- Yobora umukino ariko indi minsi isigaye, reka abana bihitiremo uko bawukina.
- Shishikariza abana bese gukina ufashe abo byagoye.

Gukina imikino abana bihitiyemo (Ku wa Gatanu)

Kurikiza inama zo mu mezi ya mbere.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze




Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo ku nkuru

- Itegere: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi.
- Bwira abana umutwe w'inkuru.
- Somera abana inkuru ku nshuro ya mbere witonze, wifashishije amashusho n'inkuru irambuye ikurikira amashusho.

Inkuru: Shema na Sheja





Shema na Sheja ni abavandimwe. Se ni umworozi, nyina ni umwarimu. Umunsi umwe, nyina yabajije Shema ati: “Wifuza kuzaba iki nukura?” Shema aramusubiza ati: “Nifuza kuzaba umuganga nkajya mvura abantu neza.” Nyina arongerera ati: “Sheja wowe wifuza kuzaba iki?” Sheja aramusubiza ati: “Njyewe nzaba umucuruzi ukomeye.” Nyina biramushimisha cyane abasezeranya kuzabashyigikira bakagera ku byo bifuza. Se wari wicaye hafi yabo yumva ibyo baganira arababwira ati: “Bana bacu ni byiza ko mwifuza kuzakora imirimo itandukanye, ariko muzayikorane umwete kandi muyikore neza. Mubona ko ndi umworozi kandi mbikora neza. Murabizi ko mama wanyu aherutse gutwara igihembo cy’umwarimu witwaye neza cyane ku rwego rw’akarere.” Nuko Shema na Sheja bashimira ababyeyi babo. Babizeza kuzakurikiza inama babagiriye.

Gusubiza ibibazo ku nkuru

Somera abana inkuru ku nshuro ya kabiri

- Baza ibibazo bikurikira:

- 1) Se wa Shema na Sheja akora iki? (**Igisubizo: Ni umworozi**)
- 2) Nyina wa Shema na Sheja we akora iki? (**Igisubizo: ni umwarimu**).
- 3) Shema yifuza kuzaba iki? (**Igisubizo: umuganga**).
- 4) Sheja yifuza kuzaba iki? (**Igisubizo: umucuruzi ukomeye**).

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni. (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze dukine*.

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' inguni y' imikino yigana (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu mezi yashize.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo ijyane n' imyuga dukora (Igihe cyose kuri iyi saha)

Itegure ubanze kwitoza kuririmba neza indirimbo ***"Imyuga dukora"*** mbere yo kuyigisha.

Indirimbo: Imyuga dukora

Ku ishuri tuhasanga abarimu batwigisha neza

Kwa muganga tuhasanga abaganga bakatuvura neza

Mu isoko tuhasanga abacuruzi bakatwakira neza.

Mama akunda kudoda yandodeye agakanzu njyana gusenga

Papa akunda kubaza yankoreye agatebe nicaraho

Nanjye nziga neza nzabe umwubatsi mwiza.

Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba kandi ugaragaza amarangamutima bijyanye

- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:

- Saba buri mwana kuririmba indirimbo ***"Imyuga dukora"*** agaragaza amarangamutima bijyanye kandi adacurikiranya amagambo.

Gushushanya ishuri n'ivuriro (Icyumweru cyose)

- Saba abana gufata ikayi n'ikaramu y'igiti.
- Saba abana gushushanya ishuri
- Genzura ko buri mwana ari gushushanya ishuri.
- Soza igikorwa cyo gushushanya, ushimire abana bose uvuga uti: Murabikoze, ni byiza!

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe yose kuri iyi saha)

Indirimbo Bwakeye Bwakeye

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, Bwakeye.*

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.

Kwitegereza no kurondora ibintu biboneka aho bahahira: mu iduka no kuvuga abantu tuhasanga.

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana iduka, isoko, ibintu n'abantu tuhasanga.
- Saba abana kwitegereza iyo shusho igaragaza iduka, ibintu n'abantu tuhasanga.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero rw'ibisubizo by'abana: ndabona abantu, ndabona amafaranga.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Bwira abana bimwe mu bintu dusanga mu iduka ndetse n'abantu tuhasanga.
- Bwira abana uti: Mu iduka tuhasanga abacuruzi n'ibyo bacuruza: ibiribwa, ibinyobwa, amakayi, amakaramu, imyenda, inkweto n'ibindi bikoreshe bitandukanye.
- Sobanurira abana ko ibyo dusanga mu iduka, tubisanga no mu isoko.
- Saba buri mwana kuvuga abantu n'ibintu dusanga ku iduka.
- Bwira abana ko iyo tugiye guhaha twitwaza amafaranga kandi ko ayo batugaruriye tuyabika neza tukayasubiza ababyeyi
- Bwira abana ko atari byiza kwiba amafaranga bakajya kugura biswi, bombo n'ibindi.
- Soza isomo ushimira abana bose ubaha uturabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibisubizo bikurikira:

1. Ni abahe bantu dusanga aho duhahira? **Igisubizo:** abacuruzi, abaguzi.
2. Ni ibihe bintu dusanga aho duhahira? **Igisubizo:** Ibiribwa, ibinyobwa, amakayi, amakaramu, imyenda, indobo, ibikombe, amasahani n'ibindi bikoreshe bitandukanye.
3. Iyo babagaruriye amafaranga mukora iki? **Igisubizo:** tuyabika neza tukayasubiza ababyeyi.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)




Indirimbo: itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Gutahura ijwi "T" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari inyuguti **T**: ITARA, ITEKE, UMUTI, GATESI, UMUTIBA, UMUTAKO, GATATU.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti T**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **T**:
- UMUTOBE, IGITOKI, IGITI

Kubaka inyuguti nkuru T ukoresheje utubuye, uduti n'ibumba (ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti nkuru R.





- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza

Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru T bakoresheje utubuye cyangwa imifuniko y'amacupa

Kwandika inyuguti nkuru T mu tudomo: abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)


- Kora uko wakoze ku nyuguti R.



Icyitonderwa: nyuma yo kwandika inyuguti nkuru T mu tudomo, abana bazahita bakurikizaho kuyandika

Kwandika inyuguti nkuru T: abana b'imyaka 5

- Kora uko wakoze ku nyuguti R.



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

1. Saba abana kuvuga amazina y'abantu bazi arimo inyuguti T: **TETA, TONA, MUTETERI.**
2. Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru T.

Gutahura ijwi "U" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Kane)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti U: UMUGABO, UBURO, UMUCO, UBUGARI, UBURIRI, UKUGURU, UWINEZA**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti U**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **U:**
- **UKUBOKO, UMUTESI, UMURISA.**

Icyitonderwa: nyuma gutahura inyuguti U, abana bazahita bakurikizaho kuyubaka no kuyibumba. Byose bizakorwa ku munsu umwe

Kubaka no kubumba inyuguti nkuru U

- Kurikiza inama zatanze mu kubaka no kubumba inyuguti nkuru R.



Icyitonderwa: Niba nta bumba rihari abana bazakora imyitozo yo kubaka inyuguti nkuru U bakoresheje utubuye cyangwa imifuniko y'amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru U mu tudomo abana b'imyaka 5(Ku wa Gatanu)


- Kora uko wakoze ku nyuguti R.



Icyitonderwa: nyuma yo kwandika inyuguti nkuru U mu tudomo, abana bazahita bakurikizaho kuyandika batanyujije mu tudomo.

Kwandika inyuguti nkuru U abana b'imyaka 5

- Kora uko wakoze ku nyuguti R



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

1. Saba abana kuvuga amazina y'abantu bazi arimo inyuguti U: **UWIMANA, UWIMBABAZI, UMUTESI.**
2. Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru U.

Kuvuga umuvugo: Nzakora neza umurimo wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umuvugo: Nzakora neza umurimo wanjye

Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Nzakora neza umurimo wanjye**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Genzura ko abana bose bafata mu mutwe umuvugo.

8:50-9:20: Nkunda Imibare



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gukoresha indangahantu: mu na hanze (Kuva ku wa mbere no kugeza ku wa Gatatu)

Tegura ibikoresho uri bukenere: igikarito, indobo, igikombe, umupira wo gukina, amakaramu y'igiti

Indangahantu: mu



- Tanga urugero ufata umupira wo gukina uwushyire mu gikarito ukoresha ijambo **mu**.

Urugero: umupira wo gukina uri mu gikarito

- Baza abana uti: umupira wo gukina uri he? Tanga umwanya abana basubize
- Saba abana gushyira ibintu mu gikarito, mu ndobo, mu gikombe bakoresheje ijambo **mu**.

- Koresha uyu mwitozo abana bose.
- Baza abana ibintu biri mu gikarito, mu ndobo, mu gikombe

Hanze



- Tanga urugero ufata umupira wo gukina uwukure mu gikarito uwushyire hanze yacyo ukoresha ijamba **hanze**.
- Urugero: umupira wo gukina uri hanze y'igikarito.
 - Baza abana uti: umupira wo gukina uri he? Tanga umwanya abana basubize
 - Saba abana gushyira ibintu hanze y'igikarito, hanze y'igikombe no hanze y'indobo bakoresheje ijamba **hanze**.
- Koresha uyu mwitozo abana bese.
- Baza abana ibintu biri **hanze** y'igikarito, **hanze** y'igikombe no **hanze** y'indobo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko buri mwana yakoresheje indangahantu mu no hanze ubakoresha imyitozo itandukanye.

Gutandukanya amafaranga n'ibindi bintu (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)

- Tegura ibibabi, uduce tw'udutambaro, uduti, amafaranga y'ibiceri n'amafaranga y'inoti.
- Vangavanga ibyo bintu
- Tanga urugero uvangure amafaranga n'ibindi: amafaranga uyashyire ukwayo n'ibindi bintu ubishyire ukwabyo.
- Fasha abana kuvangura amafaranga n'ibindi bintu.
- Saba abana babiri kuza bagashyira amafaranga ukwayo n'ibindi bintu bakabishyira ukwabyo.
- Ongera ubivange, ukomeze uwo mwitozo n'abandi bana.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Soza umwitozo ushimira abana bese ubakomera amashyi.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Genzura ko buri mwana yashoboye kumenya amafaranga ubakoresha umwitozo wo kuyavangura mu bintu bitandukanye

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda*

Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)

Reba urugero rwo mu mezi yashize.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

- Ongerera usomere abana inkuru yitwa “**Shema na Sheja**” iri mu cyumweru cya mbere.
- Baza abana ibibazo bikurikira:
 - 1) Kuki nyina wa Shema na Sheja yahawe igihembo? (**Igisubizo: Ni uko akora umurimo we wo kwigisha neza**)
 - 2) Ni iyihe nama se wa Shema na Sheja yabagiriye? (**Igisubizo: Kuzakora imirimo yabo neza**).
 - 3) Shema na Sheja bijeje iki ababyeyi babo? (**Igisubizo: Kuzakurikiza inama babagiriye**).

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine.

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, iy'imikino yigana n'inguni y'ururimi (ukwezi kose kuri iyi saha)

- Kora nkuko wabikoze mu mezi yashize
- **Ikitonderwa:** Mu nguni y'imibare, ongeramo ibi bikinisho: ibikarito birimo ubusa, avoka zihanuye, amacupa, imifuniko y'amacupa, udukombe, amakarita yanditseho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7 yifashishwa bagaragaza ibiciro n'ibibabi byifashishwa nk'amafaranga maze ureke abana babikinishe uko babyumva.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange*

Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Imyuga dukora (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere. Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe

Gushushanya isabune no kwishushanya barabaye bakuru bakora imirimo itandukanye (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa 5)

Kora nkuko wakoze ushushanya ishuri.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *umurezi wacu turamukunda*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya 3

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, Bwakeye.*

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije

Indirimbo: *Tumenye ibidukikije*

Kuvuga abantu bakorera mu ivuriro ibihakorerwa n'ibikoresho tuhasanga

- Ereka abana ishusho iri muri iki gitabo yerekana ivuriro, ibihakorerwa, ibikoresho n'abantu tuhasanga maze usabe abana kuyitegereza.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ibyo babona ku mashusho.
- Urugero rw'ibisubizo by'abana: ndabona muganga, imiti.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.

- Bwira abana: **iyi turwaye tujya kwa muganga. Dusangayo abarwayi, abaganga, imiti, imodoka itwara abarwayi, abarwaza, inshinge n'ibindi bikoresho abaganga bifashisha bavura.**
- Fasha abana kumenya abantu, ibikoresho dusanga mu ivuriro n'ibihakorerwa ubibasubirishamo kenshi.
- Baza buri mwana ibikoresho dusanga kwa muganga n'abantu tuhasanga.
- Bwira abana ko iyi barwaye bagomba kubajyana kwa muganga kandi ko bagomba kunywa imiti neza kandi bakayirangiza kugirango bakire.
- Shimira abana bese uvuga uti: Murakoze ni byiza!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibibazo bikurikira:

- 1) Ni abahe bantu dusanga ku ivuriro? **Igisubizo: abaganga, abarwayi, abarwaza.**
- 2) Ni ibihe bikoresho dusanga ku ivuriro? **Igisubizo: imiti, imodoka itwara abarwayi, inshinge n'ibindi bikoresho abaganga bifashisha bavura.**
- 3) Iyo urwaye bigenda bite? **Igisubizo: banjyana kwa muganga.**
- 4) Ni ukubera iki tugomba kunywa imiti kwa muganga baduhaye kandi tukayirangiza? **Igisubizo: Kugira ngo dukire neza.**

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo: Nzakora neza umurimo wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umuwugo: Nzakora neza umurimo wanjye

Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Nzakora neza umurimo wanjye**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko abana bese bafata mu mutwe umuvugo.

Gutahura ijwi "V" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti V**: AMAVI, URUVU, IKIVOVO, IVATIRI, UMOVURE, VAVA
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti V**

- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **V**: Urugero: UMUVUMU, AMAVUTA.

Icyitonderwa: nyuma gutahura inyuguti V, abana bazahita bakurikizaho kuyubaka no kuyibumba. Byose bizakorwa ku munsu umwe.

Kubaka no kubumba inyuguti nkuru V ukoresheje utubuye, uduti n'ibumba

- Kora nkuko wakoze kuri R.



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Icyitonderwa: Niba nta bumba riboneka aho mutuye, abana bazakora imyitozo yo kubaka inyuguti V bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y'amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru V mu tudomo abana b' imyaka 5 (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku nyuguti R.



Icyitonderwa: nyuma yo kwandika inyuguti nkuru V mu tudomo, abana bazahita bakurikizaho kuyandika batanyujije mu tudomo.

Kwandika inyuguti nkuru V abana b' imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti R



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga ibintu babona aho batuye bifite amazina arimo V: **UMUVUMU, IVUBL**.
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru V.

Gutahura ijwi "W" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Kane)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti W**: **IKAWA, UWIMANA, IWAWA, UWERA, IBARUWA**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti W,**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **W**: Urugero: **UWIZEYE, IWABO,**

Kubaka no kubumba inyuguti nkuru W (Ku wa Kabiri)

- Kora uko wakoze ku W



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Kwandika inyuguti nkuru W mu tudomo abana b' imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

- Kora uko wakoze ku nyuguti R.



Icyitonderwa: nyuma yo kwandika inyuguti nkuru W mu tudomo, abana bazahita bakurikizaho kuyandika.

Kwandika inyuguti nkuru W abana b' imyaka 5

- Kora uko wakoze ku nyuguti R



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:

- Saba abana kuvuga amazina y'abantu bazi arimo inyuguti W: **UWERA, UWACU.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru W.



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Kubara ibintu birindwi (Ku wa Mbere)






- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: utubuye, uduti, ibikombe, ibibabi n'ibindi.
- Saba abana gukurikira ibyo ugiye gukora.
- Bara uduti turindwi udushyire ukwatwo.
- Saba abana batandukanye nabo baze babare uduti turindwi.
- Saba abana bajye hanze buri wese atoragure amabuye arindwi mato ayazane. Icyitonderwa: banza ugenzure ko ahantu abana bagiyeye gutoragura amabuye hari umutekano: genzura niba nta bintu bihari byabakomeretsa nk'ibimene by'amacupa, amahwa cyangwa ibindi byabajomba.
- Genzura ko buri wese yazanye amabuye arindwi.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bese ubaha uturabo.

Kubaka umubare 7 bifashishije ibintu bifatika (Kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Gatatu)

Umubare: 7

- Tegura utubuye abana bese bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye kubaka umubare 7.
- Tanga urugero wubake umubare 7 ukoresheje utubuye.






- Kubaka umubare 7 bakoresheje uduti.






- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Basabe kongera kuwubaka nta kintu bawureberaho.
- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka umubare 7 kandi batareba aho uwo mubare wanditse.

Kubumba umubare 7 (Ku wa kane)



Kwandika umubare 7 mu tudomo: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Tegura amakaye n'amakaramu y'igiti
- Andika muri ayo makaye umubare 7 mu tudomo
- Ha abana amakaramu y'igiti ubasabe kwandika umubare 7 banyujije ikaramu y'igiti mu tudomo. Mbere yo gutangira banza ubahe urugero.



- Genzura ko abana bose bari gukora uyu mwitozo
- Tanga ubufashe ku bana babukeneye

Kwandika umubare 7 bakoresheje ikaramu y'igiti abana b' imyaka 5 (Ku wa Gatanu)

Umubare: 7

- Andika umubare 7 inshuro nyinshi aho abana bareba.



- Saba abana nabo bandike umubare 7
- Genzura ko abana bose bashoboye kwandika umubare 7
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Saba abana bandike umubare 7 mu makaye yabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba umwana kubara akerekana intoki 7 cyangwa akerekana ibintu 7 yifashishije ibikoresho wateguye.

Genzura ko abana bashobora kubaka no kwandika umubare 7 badafite aho bawurebera.

Ikitonderwa: Mu gihe abana b'imyaka itanu bazaba bari kwandika umubare 7 abandi bazakomeza kuwubaka no kuwubumba.

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma:* Reba iyo ndirimbo mu kwezi kwa mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*

Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kora nkuko wabikoze mu mezi yashize

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/Gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda gusoma.

Umwitozo ufatiye ku nkuru

- Ongerera usomere abana inkuru.
- Saba buri mwana kuvuga icyo azaba narangiza kwiga. Wowe nurangiza kwiga uzaba iki?

10:50-11:30: Inguni nkunda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nimuze dukine.

Gutegura inguni: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'ururimi n' inguni y' imikino yigana (ukwezi kose kuri iyi saha)

Bikore nk'uko wabikoze mu mezi yashize.

11:30-11:50: Duhange



Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Imyuga dukora (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere. Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe

Gushushanya ibinini n'urushinge (Ku wa Kane no ku wa 5)

Kora nkuko wakoze mumezi yashize.

11:50 -12:00: Gusezeranaho



Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Umurezi wacu turamukunda cyane*

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya 4

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije.*

Kwitegereza no kuvuga imirimo n'abayikora (Kuva ku wa Mbere kugeza kugeza ku wa gatanu).

- Ereka abana ishusho iri mu gitabo yerekana abantu bari gukora imirimo itandukanye.
- Saba abana kwitegereza iyo shusho igaragaza abantu bari gukora imirimo itandukanye.
- Mu gihe cyo kwitegereza, saba abana kuvuga ku byo babona ku mashusho.
- Urugero rw'ibisubizo by'abana: ndabona abantu barimo guhinga, ndabona abantu barimo kubaka.
- Akira ibisubizo by'abana maze ubashimire ubakomera amashyi.
- Bwira abana ko abantu bakora imirimo itandukanye: guhinga, korora, kwigisha, kuvura, kubaka, kubaza, kudoda, gucuruza.

- Bwira abana uti: Abakora umurimo wo guhinga bitwa abahinzi, abakora uwo korora babita aborozi, abakora uwo kwigisha babita abarimu, abakora uwo kuvura babita abaganga, abakora uwo kubaka babita abubatsi, abakora uwo kubaza babita ababaji, abakora uwo kudoda babita abadozi, abakora uwo gucuruza babita abacuruzi.
- Bwira abana ko iyo mirimo yose ifite akamaro kuko ituma tubona: ibihingwa bidutunga, amazu yo kubamo, ibikoresho bitandukanye, amafaranga yo kugura ibyo dukeneye.
- Fasha abana kumenya iyo mirimo n'akamaro kayo ubibasubirishamo kenshi.
- Saba buri mwana kuvuga imirimo itandukanye abantu bakora
- Shimira abana bese uvuga uti: Murakoze ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru ubaza ibisubizo bikurikira:

- 1) Ni iyihe mirimo itandukanye abantu bakora? **Igisubizo:** guhinga, korora, kwigisha, kuvura, kubaka, kubaza, kudoda, gucuruza.
- 2) Umuntu wigisha bamwita ngo iki? **Igisubizo:** umwarimu.
- 3) Umuntu uginga bamwita ngo iki? **Igisubizo:** umuhinzi
- 4) Umuntu uvura abantu bamwita ngo iki? **Igisubizo:** umuganga.
- 5) Ni iyihe mirimo ikorerwa aho mutuye? **Igisubizo:** guhinga, korora kudoda

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)
Indirimbo: Itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

Kuvuga umuvugo: Nzakora neza umurimo wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

Umuvugo: Nzakora neza umurimo wanjye

Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Nzakora neza umurimo wanjye**

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

Genzura ko abana bese bafata mu mutwe umuvugo.

Gutahura ijwi "Y" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti Y: URUYUKI, UMUYAGA, YAKOBO, IBUYE, AKAYUYA, YURIYANA.**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti Y**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **Y: Urugero: MARIYA, AMAYUGI.**

Kubaka no kubumba inyuguti nkuru Y bakoresheje utubuye, uduti n'ibumba (Ku wa Kabiri)

- Kora nkuko wakoze kuri R.






- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Icyitonderwa: Niba nta bumba riboneka aho mutuye, abana bazakora imyitozo yo kubaka inyuguti Y bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y'amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru Y: Abana b'imyaka 5 (Ku wa Gatatu)

- Kora nk'uko wakoze ku nyuguti R:



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Ingero z'ibikorwa cyangwa ibibazo wakwifashisha:


- Saba abana kuvuga ibintu babona aho batuye bifite mazina arimo inyuguti Y: **URUYUKI, IBIRAYI, IBIYIKO.**
- Tegura amakarita y'inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru Y.

Gutahura ijwi “Z” mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa kane)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti Z**: UMUZI, IKIZIRIKO, IZINA, **ZAZA**, IZURU, IZUBA, AMAZI
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry’inyuguti Z**
- Saba abana gutanga andi magambo n’amazina bazi yumvikanamo ijwi **Z**: Urugero: UWINEZA, UMURIZO, IGISOKOZO

Icyitonderwa: nyuma gutahura inyuguti Z, abana bazahita bakurikizaho kuyubaka no kuyibumba. Byose bizakorwa ku munsu umwe.

Kubaka no kubumba inyuguti nkuru Z bakoresheje utubuye, uduti n’ibumba






- Kora nkuko wakoze ku nyuguti nkuru R.
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Icyitonderwa: niba nta bumba riboneka aho mutuye, abana bazakora imyitozo yo kubaka inyuguti Z bakoresheje utubuye, uduti cyangwa imifuniko y’amacupa.

Kwandika inyuguti nkuru Z: abana b’imyaka 5 (Ku wa Kabiri)

- Kora nk’uko wakoze ku nyuguti R:

Icyitonderwa: Reka abana babanze bandike Z mu tudomo, bakurikizeho kuyandika batagendeye ku tudomo.



- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

Icyitonderwa: Mu gihe abana b’imyaka itanu bazaba bari kwandika inyuguti nkuru Z, abandi bazakomeza imyitozo yo kuyubaka.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

1. Saba abana kuvuga amazina y’ibintu babona aho batuye bifite amazina arimo inyuguti Z: **URUYUZI, ABAZAMU**.
2. Tegura amakarita y’inyuguti zitandukanye zizwe abana bavanguremo inyuguti nkuru Z.

Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

Gukora ibirundo ushingiyeye ku mumaro w'ibintu (Ku wa mbere no ku wa Kabiri)

- Tegura ibintu bifite imimaro itandukanye: isahane, ikiyiko, igikombe, ikanya ikayi, ikaramu y'igiti.
- Vangavanga ibyo bintu



- Fasha abana gushyira hamwe ibintu bihuriye ku mumaro umwe.
- Saba abana kuvangura mu bindi bintu ibikoresho byo ku meza bakabishyira hamwe.



- Ongera ubivangange usabe abandi bana babiri kuvangura mu bindi bintu ibikoresho byo mu ishuri bakabishyira hamwe.



- Ongera ubivange, ukomeze uwo mwitozo n'abandi bana.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Soza umwitozo ushimira abana bose ubaha uturabo.

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko buri mwana ashobora gukora ibirundo ashingiyeye ku mumaro ukoresha imyitozo itandukanye.

Kuvuga umuvugo urimo imibare” Nkunda kubara” (Kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwutoza abana:

Umuvugo: Ndi inshuti y'imibare

<i>Rimwe ndekura ngende</i>	<i>Gatandatu aze aduhobere</i>
<i>Nge kureba kabiri</i>	<i>Karindwi avuze ingoma</i>
<i>Twicarane na gatatu</i>	<i>Umunani akome amashyi</i>
<i>Maze duhamagare kane</i>	<i>Icyenda avuze umwirongi</i>
<i>Azane na gatanu</i>	<i>Icumi aze atubyinire.</i>

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weeee!

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:

- Saba buri mwana kujya imbere avuge umuvugo “Ndi ishuti y' imibare” adacurikiranya amagambo!

9:20-9:30: Twite ku buzima bwacu



Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye

Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)

Komeza gufasha abana mu bikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho nk'uko wabibonye mu mezi yabanje.

9:30-10:00: Dusangire



Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*

10:00-10:30: Dukinire hanze



Kuririmba indirimbo iranga imikino yo hanze: Iyo tugenda kuri gahunda (Igihe cyose kuri iyi saha).

Indirimbo: *“Iyo tugenda kuri gahunda”*

Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana bihari.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo, ukurikiranire hafi ibyo bakina n’uko babikina kandi ukinane na bo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bese gukina.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda gusoma.*

Umwitozo: Kuvuga muri make inkuru y’ukwezi: Shema na Sheja

- Ongerera usomere abana inkuru.
- Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru.

Gusakuza

- Tegura mbere ibisakuzo uri busakuze abana
- Fatanya n’abana gusakuza, igihe bibagoye ubafashe kubisubiza.

Urugero rwa mbere:

IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

Kotnik J, Shmis T. Enhancing the Early Childhood Development System in Yakutia (Russia): Meeting the Challenges. CELE Exch. 2011;

1. Ruzibiza A, Dear E, Ii H. Title of paper Empowering Preschools' Partners in Responsive Parenting Education Skills for Sustaining Early Childhood Development Initiatives in Rwanda: Context, Strategic pathways and Insights.
2. World Bank. Project information document (PID): concept stage report no. PIDC25795. 2018;1-13. Available from:
<https://data.worldbank.org/indicator/SI.POV.NAHC?locations=RW>.
3. Republic of Rwanda Ministry of Gender and Family Promotions Minimum Standards and Norms for Early Childhood Development Services in Rwanda. 2016.
4. Early Childhood Development-Basic Concepts MODULE 2 FACILITATOR GUIDE.
5. Neumann MM, Hood M, Neumann DL. The scaffolding of emergent literacy skills in the home environment: A case study. Early Child Educ J. 2009;
6. Evaluation B. Early Childhood Development and Family Services. 2017;(April).
7. Melhuish EC. Early childhood development and education. Early Hum Dev. 1984;9(3):294.
8. Gotsadze T, Karzhaubayeva S. evaluation of Early Child Development and early childhood education in the republic of kazakhstan. 2017.
9. Office of Head Start. The Head Start Child Development and Early Learning Framework: Promoting Positive Outcomes in Early Childhood Programs. Child A Glob J Child Res. 2010;
10. National Association for the Education of Young Children. Learning to read and write: Developmentally appropriate practices for young children. Young Child. 1998;
11. UNICEF. Transforming the Lives of Children in Rwanda: Investing in Family and Community-Centered Services. 2018.
12. Futuru NB. Early Childhood Training Manual for Educators Contents. 2012;1-94.
13. Objectives L, Resources A. Session 1. 3 Child Protection and Early Childhood Development. :1-3.
14. Development I, Development T, Development P, Development MC, Development A, Development A. Understanding human development.
15. Ed BES, Pradesh M, Open B. Bachelor of Special Education. (Secp 01).
16. PRE PRIMARY NEW REB CURRICULUM-CBC.
17. Module 1 Facilitator' S Guide Understanding Early Childhood Development. 2009;1-2.
18. Unicef. INTEGRATED ECD. 2019. 1-28 p.
19. World Health Organization. Early Childhood: Development and Disability. PsycCRITIQUES [Internet]. 2012;33(8):269. Available from: <http://content.apa.org/reviews/025945>
20. Guide T. Early Childhood Development. 2014;
21. Objectives L. Session 1 . 1 A Rights Perspective on Early Childhood Development.

22. Objectives L. Session 1 . 5 Birth Registration as a Support for Early Childhood Development. 1.
23. Education U, Handbook K. Early Childhood Development Kit Guidance.
24. Session 1 . 6 The Life Cycle Approach to Early Childhood Development. :20.
25. EARLY_CHILDHOOD_DEVELOPMENT_POLICY_2016.OG.pdf.
26. Objectives L. Session 1 . 7 Areas of Cooperation to Support Early Childhood Development. :2-5.
27. Importance of early childhood development. 2011;(March).
28. Health I, Learning E. Session 1 . 2 The MTSP and the Importance of Early Childhood Development in the Achievement of Key Results. 2009;2-4.
29. OECD. Encouraging Quality in Early Childhood Education and Care (ECEC). Research brief: parental and community engagement matters. 2010;16. Available from: <http://www.oecd.org/education/school/49322478.pdf>
30. van der Waerden P. Module 1 Dsp Notebook Introduction To Developmental. Notebook, D S P [Internet]. 2013;438. Available from: <http://www.dhs.state.il.us/page.aspx?item=50759>
31. DE MOOR JMH, VAN WAESBERGHE BTM, HOSMAN JBL, JAEKEN D, MIEDEMA S. Early intervention for children with developmental disabilities. Int J Rehabil Res. 1993;16(1):23-32.
32. Board E. Advance Copy. Anthropol News. 1994;35(8):10-10.
33. EENEE_AR32_Benefits of early childhood education and care and the conditions for obtaining them.
34. Choi S-H. Cross-sectoral co-ordination in early childhood: some lessons to learn. UNESCO Policy Briefs Early Child. 2003;(9):0-1.
35. Kaur K, Kaur K. How to use this resource? In: Short Wordless Picture Books. 2020. p. 3-
36. Version R. WORKING IN EARLY CHILDHOOD BOOK 1. 2017;
37. de Onis M. Child Growth and Development. Nutrition and Health in a Developing World. 2017. p. 119- 41.
38. Children C on the S of. Child Development and Early Learning: A Foundation for Professional Knowledge and Competencies. Natl Acad Sci Eng Med. 2015;
39. Pre-primary_Teachers_guide-CBC.
40. Janta B, van Belle J, Stewart K. Quality and impact of Centre-based Early Childhood Education and Care. Qual impact Centre-based Early Child Educ Care. 2016;
41. European Commission. Proposal for Key Principles of a Quality Framework for Early Childhood Education and Care. Report of the Working Group on Early Childhood Education and Care under the auspices of the European Commission. 2014;71. Available from: http://ec.europa.eu/education/policy/strategic-framework/archive/documents/ecec-qualityframework_en.pdf
42. NEPS. Children with Language Difficulties in Primary School- Teacher Guidelines & Strategies for InClass Support. 2015;1-14. Available from:


URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

No	Amazina	Aho akorera/ aturuka
1	Diane Iradukunda	NCDA
2	Emmanuel Munyampeta	NCDA
3	Isaac Bikorimana	NCDA
4	Ernest Liyatona	NCDA
5	Jean Paul Nyandwi	NCDA
6	Jean Léonard Byiringiro	LODA
7	Jean de Dieu Nabimana	LODA
8	Charles Ruzindana	LODA
9	Georgette Mukadepite	Independent recommended by REB
10	Julienne Mukayirege	REB
11	Appolinaire Ndayisaba	REB
12	Sifa Uwera	World Bank
13	Gerjanne van Ravenhorst	World Bank Consultant
14	Pauline Mukakinyana	Ecole l'Horizon
15	Faustin Mbarubukeye	Umuhuza
16	Ildephonse Hitimana	Imbutu Foundation
17	Clément Kabiligi	Imbutu Foundation
18	Anathalie Nyirandagijimana	Imbutu Foundation
19	Jean Bosco Bayingana	Imbutu Foundation
20	Ezechiel Hategekimana	Imbutu Foundation
21	Jean De Dieu Kayiranga	Imbutu Foundation
22	Felix Hagenimana	Imbutu Foundation
23	Jackson Vugayabagabo	Imbutu Foundation
24	Géraldine Umutesi	Imbutu Foundation
25	Joseph Imanishimwe	Imbutu Foundation
26	Polie Appoline	Imbutu Foundation
27	Agnes Uwimbabazi	Imbutu Foundation
28	Gratia Uwizeye	Imbutu Foundation
29	Felicien Harerimana	Imbutu Foundation
30	Egide Ingabire	Imbutu Foundation
31	Eloi Rutaganira	Imbutu Foundation
32	Eugene Safari	Imbutu Foundation
33	Placidie Mukamana	Imbutu Foundation
34	Viateur Hategekimana	Imbutu Foundation
35	Martine Umukunzi	Imbutu Foundation
36	Raissa Giramata	Imbutu Foundation

37	Donath Tuyinganyiki	Imbutu Foundation
38	Annah Kamateneti	Imbutu Foundation
39	Alphonse Gatera	Imbutu Foundation
40	Daniella Murekatete	Imbutu Foundation
41	Rutayisire Chris	Art-Rwanda Ubuhanzi
42	François Regis Uwemeye Nshuti	Art-Rwanda Ubuhanzi
43	Nathanael Nkundimana	Art-Rwanda Ubuhanzi

A yellow starburst graphic with a black border, containing the number 2.

2

A series of wavy lines in shades of blue and yellow, flowing from the starburst towards the right side of the page.